Inama ya mbere y’Inteko rusange isanzwe itumizwa n’Inama y’Ubuyobozi, imaze kubona raporo y’igenzura n’iy’icungamari rya Koperative.

**Ingingo ya 52: Itumizwa ry’inama y’Inteko rusange idasanzwe**

Inama y’Ubuyobozi ya Koperative ishobora gutumiza Inteko Rusange idasanzwe igihe icyo aricyo cyose. Ubutumire bwanditse bugezwa ku banyamuryango mu minsi cumi n’itanu (15) mbere y’uko inama iterana.

**Article 50: First General Assembly meeting**

The first General Assembly meeting of a registered Cooperative Organization shall be convened within thirty (30) days upon receipt of the registration certificate of the Cooperative Organization from the relevant Authority.

**Article 51: Convening the General Assembly meetings**

The General Assembly of a Cooperative Organization shall be convened for ordinary and special meetings.

The first ordinary meeting of the General Assembly shall be held in March and the second ordinary meeting in October of the same year.

The first ordinary meeting of the General Assembly shall be convened by the Board after receipt of an audit report and accounts of the Cooperative Organization.

**Article 52: Convening a special General Assembly meeting**

The Board of Directors of a Cooperative Organization may convene a special General Assembly at any time provided that a fifteen (15) clear days written notice of the meeting has been issued to the members.

**Article 50 : La première réunion de l’Assemblée Générale**

La première réunion de l’Assemblée Générale d’une Société Coopérative enregistrée est convoquée dans les trente (30) jours à compter de la date à laquelle ladite Société Coopérative a obtenu, de l’Organe compétent, l’acte d’enregistrement.

**Article 51 : Convocation des réunions de l’Assemblée Générale**

L’Assemblée Générale de tous les membres de la Société Coopérative est convoquée pour des réunions ordinaires et extraordinaires.

La première réunion ordinaire de l’Assemblée Générale se tient au mois de Mars et la seconde au mois d’Octobre de la même année.

La première réunion ordinaire de l’Assemblée Générale est convoquée par le Conseil d’Administration après réception du rapport d’audit et de la situation financière de la Société Coopérative.

**Article 52 : Convocation d’une réunion extraordinaire de l’Assemblée Générale**

Le Conseil d’Administration de la Société Coopérative peut, à tout moment, convoquer une Assemblée Générale extraordinaire. Une convocation écrite est envoyée aux membres quinze (15) jours avant la date proposée pour la tenue de la réunion.

**Ingingo ya 53: Inteko Rusange nshingamuryango ya Koperative**

Inteko Rusange nshingamuryango niyo nama ya mbere y'Inteko Rusange ya Koperative irimo kwirema. Iterana Koperative itarabona ubuzimagatozi. Mu byo ikora harimo ibikurikira:

- 1° kwandika abanyamuryango bashinze Koperative;
- 2° gushyiraho no kwemeza amategeko rusange agenga Koperative;
- 3° gutora mu banyamuryango Perezida, Visi-Perezida, Umubitsi, n'Umunyamabanga w'Inama y'Ubuyobozi;
- 4° gushyiraho umugenzuzi uhoraho muri Koperative;
- 5° gutora abagize izindi komite zishinzwe ibikorwa byihariye

**Ingingo ya 54: Inshingano z'Inteko Rusange yo muri Werurwe**

Inteko Rusange yo muri Werurwe itumizwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi. Yita ku bikorwa bikurikira:

- 1° gusuzuma no kwemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa by'inama y'Inteko Rusange;

**Article 53: The Constituent General Assembly of a cooperative Organization**

The Constituent General Assembly shall be the first General Assembly Meeting held by a Cooperative Organization. It shall meet before getting a registration certificate. Some of its functions are the following :

- 1° register the promoter members of the co-operative Organization;
- 2° adopt and approve the By-Laws governing the co-operative Organization;
- 3° elect from among its members the President, Vice President, the Treasurer and the Secretary of the Board;
- 4° appoint an internal auditor, and
- 5° elect members of other functional committees

**Article 54: Functions of the March General Assembly**

The March General Assembly meeting shall have the following functions:

- 1° consider and approve the agenda of the meeting;

**Article 53 : L'Assemblée Générale Constituante de la Coopérative**

L'Assemblée Générale Constituante est la première réunion générale tenue par une Société Coopérative en formation. Elle a entre autres les fonctions suivantes:

- 1° enregistrer les membres fondateurs de la Société Coopérative ;
- 2° adopter et approuver les Statuts régissant la Société Coopérative ;
- 3° élire au sein de ses membres le Président, le Vice Président, le Trésorier et le Secrétaire du Conseil d'Administration ;
- 4° nommer un auditeur interne ;
- 5° élire les membres d'autres commissions fonctionnelles.

**Article 54 : Les fonctions de l'Assemblée Générale du mois de Mars**

La réunion de l'Assemblée Générale du mois de Mars a pour fonctions de :

- 1° examiner et approuver l'ordre du jour de l'Assemblée Générale ;

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 2° gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama y'inteko rusange iyibanziriza;   | 2° consider and approve the minutes of the previous general meeting;  | 2° examiner et approuver le procès-verbal de la réunion précédente ;   |
| 3° gutora abagize Komite Ngenzuzi, n'abagize izindi komite ziteganywa n'amategeko ngengamikorere;   | 3° elect members of the Supervisory Committee and members of other committees provided for in the bylaws;                               | 3° élire les membres du Conseil de Surveillance ainsi que les membres des autres commissions prévues par les Statuts ;           |
| 4° gukuraho abagize Inama y' Ubuyobozi n'abagize izindi komisiyo ziteganywa n'amategeko rusange;  | 4° dismiss members of the Board of Directors and members of other committees provided in the bylaws;                                    | 4° révoquer les membres du Conseil d'Administration et les membres des autres commissions prévues par les statuts;               |
| 5° gushyiraho umubare w'amashimwe ahabwa abagize Inama y'Ubuyobozi n'izindi komisiyo;   | 5° determine the rate of allowances for the Board of Directors and other committee members;   | 5° fixer le taux des indemnités des membres du Conseil d'Administration et des autres Comités;                                   |
| 6° gusuzuma raporo y'Inama y'Ubuyobozi ku bikorwa by'Umwaka uheruka gusozwa;  | 6° consider the report of the Board on the activities of the preceding year;  | 6° examiner le rapport du Conseil d'Administration sur les activités de l'année précédente;                                      |
| 7° gusuzuma raporo ku mikoreshereze y'umutungo ya Koperative mu mwaka uheruka gusozwa, nk'uko yemejwe n'igenzura hamwe na raporo y'igenzura nyir'izina; | 7° consider the financial statement of the Cooperative Organization for the preceding year duly audited together with the audit report; | 7° examiner le rapport financier de la Société Coopérative pour l'année précédente dûment auditée ainsi que le rapport d'audit ; |
| 8° gusuzuma raporo z'Inama y'Ubuyobozi bwa Koperative n'iz'izindi komisiyo;   | 8° consider reports of the Board or other Committees of the Organization;   | 8° examiner les rapports du Conseil d'Administration et des autres commissions de la Société Coopérative ;                       |
| 9° gusuzuma uburyo urwunguko n'izindi nyungu zabonetse zagabanwa cyangwa zigashorwa mu bindi bikorwa bya Koperative;                                    | 9° consider and resolve the manner in which any available surplus and interest shall be distributed or invested;                        | 9° examiner et décider de la manière dont tout bénéfice et intérêt disponibles seront distribués ou investis ;                   |

- |  |  |  |
|--|--|--|
| 10° gusuzuma no kwemeza amafaranga ntarengwa Koperative ishobora kuguzza;  | 10° consider and decide the maximum borrowing powers of the Organization;  | 10° examiner et décider les pouvoirs d'emprunt maximum de la Société coopérative;  |
| 11° kwemeza imiterere y'inzeho z'imirimo ituma Koperative ikorera abanyamuryango ku buryo bunozwe;                             | 11° decide on the management structure to facilitate efficient and cost effective delivery of services to the members;   | 11° décider de la structure de gestion appropriée en vue de faciliter une prestation efficiente et efficace des services aux membres ;     |
| 12° kuganira ku kindi kibazo cyose kireba Koperative kandi cyamenyeshejwe abanyamuryango nk'uko amategeko rusange abiteganywa; | 12° transact any other general business of the Organization of which notice has been given to the members in the manner prescribed in the by-laws of the Organization; | 12° traiter tout autre sujet intéressant la société coopérative et qui a été porté à la connaissance des membres conformément aux Statuts. |
| 13° kwakira no gusuzuma raporo y'ibyakozwe na Koperative mu mwaka urangiye;  | 13° receive and consider the activity report of the Cooperative Organization for the preceding year;   | 13° recevoir et examiner le rapport d'activités de la Société Coopérative pour l'année précédente ;  |
| 14° kujya impaka ku kindi kibazo cyose cyanditse ku murongo w'ibygwa muri icyo nama.   | 14° deliberate any other issue on the agenda of the meeting.   | 14° discuter de tout autre sujet figurant à l'ordre du jour de la réunion.   |

**Ingingo ya 55: : Inshingano z'Inteko Rusange yo mu Ukwakira**

**Article 55: Functions of the October General Assembly**

**Article 55 :Les fonctions de l'Assemblée Générale du mois d'Octobre**

Inteko Rusange yo mu Ukwakira ikora imirimo ikurikira:

The October General Assembly Meeting shall have the following functions:

La réunion de l'Assemblée Générale du mois d'Octobre a les fonctions suivantes :

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 1° gusuzuma no kwemeza ibiri ku murongo w'ibygwa by'inama y'Inteko Rusange;   | 1° consider and approve the agenda of the General Assembly meeting;   | 1° examiner et approuver l'ordre du jour de l'Assemblée Générale ;  |
| 2° gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama y'inteko rusange iyibanziriza; | 2° consider and approve the minutes of the preceding general meeting; | 2° examiner et approuver le procès-verbal de la réunion précédente; |

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 3° gusuzuma no kwemeza gahunda y'imirimo ya Koperative mu mwaka ukurikiyeho;                                      | 3° approve and adopt the business plan of the Cooperative Organization for the following year;                  | 3° approuver et adopter le plan d'action de la Société Coopérative pour l'année suivante ;       |
| 4° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka ukurikiyeho;  | 4° adopt the Budget for the following year;   | 4° adopter le Budget de l'année suivante ;   |
| 5° kwemeza abanyamuryango bashya;   | 5° admit new members;   | 5° admettre de nouveaux membres ;  |
| 6° gusuzuma no kwemeza uko ishusho y'imikoreshereze y'umutungo wa Koperative ihagaze;                             | 6° examine and approve the accounts of the Organization;  | 6° examiner et approuver les comptes de la Société Coopérative ;                                 |
| 7° kwemeza amafaranga ateganyijwe kwinjira no gusohoka mu mwaka w'imari ukurikiyeho;                              | 7° approve the estimates of income and expenditure for the next financial year;                                 | 7° approuver les prévisions des produits et charges pour l'exercice comptable suivant ;          |
| 8° gushyiraho umugenzuzi uturutse hanze ya Koperative no kwemeza igihembo azahabwa bibaye ngombwa;                | 8° appoint the external auditor for ensuring financial year and approve his/her remuneration where appropriate; | 8° nommer un auditeur externe et fixer sa rémunération, si nécessaire ;                          |
| 9° gushyiraho umubare ntarengwa w'amafaranga ashorwa mu bikorwa, abikwa, n'ashorwa mu bindi bigo bitanga inyungu; | 9° fix the investment, deposit and placement ceiling;   | 9° fixer le plafond des investissements, des dépôts et des placements de la Société Coopérative; |
| 10° kujya impaka ku kindi kibazo cyose cyanditse ku murongo w'ibygwa muri iyi nama.                               | 10° deliberate on any other issue on the agenda of the meeting.   | 10° discuter de tout autre sujet figurant à l'ordre du jour de la réunion.                       |

**Ingingo ya 56: Inshingano z'Inteko Rusange idasanzwe**

Imirimo y'Inteko Rusange idasanzwe ni ikurikira:

**Article 56: Functions of the Extraordinary General Assembly**

A Special General Assembly shall have the following functions:

**Article 56: Les fonctions de l'Assemblée Générale Extraordinaire**

L'Assemblée Générale Extraordinaire a les fonctions suivantes:

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 1° gusuzuma no kwemeza ibiri ku murongo w'ibygwa by'inama y'Inteko Rusange;   | 1° Consider and approve the agenda of the General Assembly meeting;   | 1° examiner et approuver l'ordre du jour de l'Assemblée Générale ;  |
| 2° gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama y'inteko rusange iyibanziriza;   | 2° consider and approve the minutes of the preceding general meeting;   | 2° examiner et approuver le procès-verbal de la réunion précédente;   |
| 3° guhindura amategeko rusange ya Koperative cyangwa kuyisesa;  | 3° amend the By-laws governing the Cooperative Organization or dissolve it ;  | 3° amender les statuts régissant la Société Coopérative ou la dissoudre;  |
| 4° gufata icyemezo cyo kwinjiza Koperative mu mahuriro hamwe n'izindi Koperative, mu mpuzamahuriro no mu ngaga z'imiryango ya Koperative. Cyangwa se kwishyirahamwe kwa Koperative n'indi, guhagarika ibikorwa byayo, kuyihinduramo ikindi kigo, kuyivanaho cyangwa kuyisesa; | 4° decide on joining other Cooperative Organizations to form Union, Federation and Confederation, or on merger, break up, transformation, dissolution and/or liquidation of a Cooperative Organization; | 4° décider de joindre d'autres sociétés coopératives pour former des Unions, Fédérations et Confédération ou sur la fusion, la scission et la transformation, la dissolution et/ou la liquidation d'une Société Coopérative ; |
| 5° gushyiraho abashinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wa Koperative hamwe n'akanama gashinzwe gukurikirana iseswa ryayo;   | 5° appoint a liquidator and a liquidation committee from among the Cooperative Organization's members;  | 5° nommer un liquidateur et mettre en place une Commission de liquidation;  |
| 6° gusuzuma ibindi bibazo byose bishobora kwigwa mu nama y'Inteko Rusange isanzwe, uretse kwemeza imikoreshereze y'amafaranga ya Koperative.  | 6° conduct any other business that may be conducted at a normal general meeting except the approval of the accounts.  | 6° examiner toute autre question pouvant être examinée par une Assemblée Générale ordinaire à l'exception de l'approbation des comptes de la Société Coopérative.   |

**Ingingo ya 57: Itumizwa ry'inama y'Inteko Rusange**

Inama y'Inteko Rusange itumizwa na

**Article 57: Convening a General Assembly Meeting**

The General Assembly meeting shall be convened

**Article 57 : La convocation de la réunion de l'Assemblée Générale**

La réunion de l'Assemblée Générale est

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi, cyangwa Visi-Perezida, iyo adahari, babyibwirije cyangwa babisabwe n'abantu batatu (3) bagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango bose ,

Iyo ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bidashobotse, ku mpamvu z'inyungu rusange za Koperative, Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze ashobora gutumiza inama y'inteko rusange idasanzwe..

**Ingingo ya 58 : Uko ubutumire bw'Inteko Rusange bukorwa**

Ubutumire bw'Inama y'Inteko rusange bukorwa mu nyandiko cyangwa hagakoresha ubundi buryo bw'itumanaho bwemeranyijweho n'abanyamuryango. Bushyikirizwa abagize Inama y'Inteko rusange hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Inyandiko itumiza inama y'Inteko Rusange igomba kuba ikubiyemo isaha, itariki, ahantu na gahunda y'inama.

**Ingingo ya 59: Gahunda y'inama y'Inteko Rusange**

Gahunda y'inama y'Inteko Rusange isanzwe itegurwa n'inama y'Ubuyobozi, naho

by the President of the Board or, in his absence, by the Vice President, on their own accord or at the request of three (3) members of the Board or one third (1/3) of the Cooperative Organization's members.

Where the Board fails to comply with the provisions of paragraph one of this article, for the general interest of a Cooperative Organization, the Minister in charge of cooperatives may convene a special general meeting.

**Article 58: Modalities for convening the General Assembly Meeting**

Convening of a General Assembly meeting shall be in writing or by any other means agreed upon by members. It shall be communicated to members at least fifteen (15) days before the date of the meeting.

The invitation to a General Assembly meeting shall specify the time, date, venue and agenda of the meeting.

**Article 59: Agenda of the General Assembly meeting**

The agenda of an ordinary General Assembly meeting shall be prepared by the Board of

convoquée par le Président du Conseil d'Administration ou par le Vice Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande de trois (3) membres du Conseil d'Administration ou à la demande d'un tiers (1/3) des membres de la Société Coopérative.

Lorsque les dispositions du paragraphe 1 du présent article ne sont pas respectées, dans l'intérêt de la Société Coopérative, le Ministre ayant les coopératives dans ses attributions peut convoquer une Assemblée Générale extraordinaire.

**Article 58 : Modalités de convocation d' une réunion de l'Assemblée Générale**

L'invitation à une réunion de l'Assemblée Générale se fait par écrit ou par tout autre moyen de communication convenu de commun accord par les membres. Elle est remise aux membres au moins quinze (15) jours avant la tenue de cette réunion.

L'invitation à une réunion de l'Assemblée Générale doit mentionner l'heure, la date, le lieu et l'ordre du jour de la réunion.

**Article 59 : L'ordre du jour d'une réunion de l'Assemblée Générale**

L'ordre du jour d'une réunion de l'Assemblée Générale ordinaire est préparé par le Conseil

gahunda y'Inama y'Inteko rusange idasanzwe itegurwa n'urwego rwayitumije cyangwa rwasabye ko itumizwa. Ingingo ziri kuri gahunda nizo zonyine zigwa mu nama y'Inteko Rusange idasanzwe.

### **Ingingo ya 60: Uyobora inama z'Inteko Rusange**

Perezida cyangwa Visi-Perezida b'Inama y'Ubuyobozi niba bayobora inama y'Inteko Rusange. Iyo abo bombi batabonetse, abagize Inama y'Ubuyobozi bitaramo umuyobozi w'inama.

Perezida, akurikije icyemezo cy'Inteko Rusange, ku bwiganze busanzwe, ashobora gusubika inama itarangije kwiga ibyari ku murongo w'ibygwa; yasubukurwa hagasuzumwa gusa ingingo zari zisigaje kwigwa mu nama ibanziriza iyo.

Iyo Koperative ikorera ahantu hagari, amategeko ngengamikorere ateganya inama z'inteko z'uturere cyangwa iz'ibyiciro.

Inama z'Inteko rusange z'uturere cyangwa z'ibyiciro zishobora kwiga kandi zigafata ibyemezo ku bibazo biri kuri gahunda y'ibygwa mu Nteko Rusange. Byibura umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi n'umwe mu

Directors, while the agenda of the extraordinary General Assembly meeting shall be prepared by the Organ which convened it or which requested it be convened. Only matters on the agenda of an extraordinary General Assembly shall be considered.

### **Article 60: Chairperson of meetings of a General Assembly**

The Chairperson or the Vice Chairperson of the Board shall chair the meeting of a General Assembly. In the absence of both, the Board of Directors shall elect from among itself one of the members to chair the meeting.

The Chairperson may, upon a decision taken by the General Assembly by a simple majority, adjourn the meeting and, on resumption, deliberations shall relate only to matters that were left unattended on the agenda.

Where the area of operation of a Cooperative Organization is large, the internal regulations and regulations may provide for the meeting of regional or sector-based assemblies.

Regional or sectional assemblies may deliberate and take decisions on issues included on the agenda of the General Assembly meeting. At least one member of the Board of Directors and of the Supervisory Committee shall attend

d'Administration tandis que l'ordre du jour d'une réunion de l'Assemblée Générale extraordinaire est préparé par l'Organe qui a lancé l'invitation ou qui a demandé qu'une telle réunion se tienne. Seuls les points inscrits à l'ordre du jour sont examinés par cette Assemblée Générale Extraordinaire.

### **Article 60 : La présidence des réunions de l'Assemblée Générale**

Le Président ou le Vice Président du Conseil d'Administration préside la réunion de l'Assemblée Générale. En cas d'absence des deux, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux le Président de la réunion.

Le Président peut, sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité simple, suspendre la réunion et, à la reprise, les débats doivent porter sur les points qui étaient restés en suspens sur l'ordre du jour de la réunion précédente.

Lorsque la zone d'activités d'une Société Coopérative est large, le règlement d'ordre intérieur peut prévoir des réunions de l'Assemblée Générale par région ou par domaine d'action.

Les réunions des Assemblées par région ou par domaine d'action peuvent examiner et prendre les décisions sur les points figurant à l'ordre du jour de l'Assemblée Générale. Au moins un membre du Conseil d'Administration et un



bagize Inama y'Ubugenzuzi bajya mu nama z'uturere cyangwa z'ibyiciro. Ibyemezo n'ibyifuzo bivuye muri izo nama bishyikirizwa Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze.

Amategako shingiro ya Koperative akena imiterere n'imikorere y'uturere n'ibyiciro bigize Koperative

**Ingingo ya 61: Inyandiko-mvugo y'inama y'Inteko Rusange**

Abanyamuryango baje mu nama y'Inteko Rusange basinya mu gitabo cyangwa ku rutonde rw'abaje mu nama.

Umunyamabanga wa Koperative akora inyandiko-mvugo y'ibyavuzwe mu nama y'Inteko Rusange mu gitabo cyabigenewe. Iyo nyandiko-mvugo igasinywa n'Umunyamabanga hamwe n'uwayoboye inama. Iyo nyandiko- mvugo y'inama y'Inteko Rusange isomwa kandi ikemezwa n'abanyamuryango mu nama y'Inteko Rusange ikurikira.

**Ingingo ya 62: Amatora mu Nama z'Inteko Rusange**

Umunyamuryango wa Koperative y'ibanze agira ijwi rimwe, agatora ku giti cye ntawe atumye.

regional or sector-based meetings. Decisions and recommendations from such meetings shall be submitted to the General Assembly for approval.

The by-laws of a Cooperative Organization shall determine the organization and the functions of such regions and sectors of the cooperative organization.

**Article 61: Minutes of proceedings of a General Assembly meeting**

Members present at a General Assembly meeting shall sign the attendance register or list.

The secretary of the Cooperative Organization shall keep the minutes of proceedings of the General Assembly meeting in appropriate book. The minutes shall be signed by the Secretary and by the Chairperson of the meeting. They shall be read to and approved by the members at the next General Assembly meeting.

**Article 62: Votes in Meetings of a General Assembly**

A member of a primary Cooperative Organization shall have one vote, which shall be exercised in person and not by proxy.

membre du Conseil de Surveillance doivent assister aux réunions par régions ou par domaine d'action. Les décisions et les recommandations issues de ces réunions sont soumises à l'Assemblée Générale pour approbation.

Les Statuts d'une Société Coopérative déterminent le mode d'Organisation et de fonctionnement des régions et des domaines d'action formant la Société Coopérative.

**Article 61 : Le procès-verbal des travaux de la réunion de l'Assemblée Générale**

Les membres présents à la réunion de l'Assemblée Générale doivent signer le registre ou la liste des présences.

Le secrétaire de la Société Coopérative rédige le procès-verbal des travaux de la réunion de l'Assemblée Générale dans le registre ad hoc. Ce procès-verbal est signé par le Secrétaire et par la personne qui dirige la réunion. Il doit être lu et approuvé par les membres lors de la réunion de l'Assemblée Générale suivante.

**Article 62 : Le vote dans les réunions de l'Assemblée Générale**

Un membre d'une Société Coopérative primaire a une voix ; il vote en personne et non par procuration.

Umunyamuryango wa Koperative yo mu cyiciro cya kabiri cyangwa cya gatatu agira amajwi angana n'ayagenwe n'amategeko shingiro.

Icyemezo cy'Inteko Rusange gifatwa hakurikijwe ubwiganze busanzwe bw'amajwi y'abatoye.

Amatora akorwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu mategeko shingiro ya Koperative.

Inama zidasanzwe z'Inteko Rusange ziterana habonetse bitatu bya kane (3/4) by'abanyamuryango bemewe. Iyo uwo mubare utabonetse ku ncuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi irindwi (7) ikurikira. Iyo nama ya kabiri ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abanyamuryango bahari baba bangana kwose.

Amatora muri izo nama z'Inteko Rusange idasanzwe akorwa hazamuwe ibiganza cyangwa mu bundi buryo bwumvikanyweho n'abanyamuryango.

Ibyemezo birebana n'amategeko shingiro ya Koperative, kwifatanya n'andi ma Koperative hagamijwe gukora amahuriro, impuzamahuriro cyangwa mu ngaga, bisaba ubwiganze mu majwi bya bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bemewe, bari mu nama kandi batoye.

A member of a secondary or tertiary Cooperative Organization shall have as many votes as may be provided for in the Bylaws;

A simple majority of votes cast shall take a decision at General Assembly meeting.

Voting shall be conducted in accordance with the by-laws of a Cooperative Organization.

Quorum of the extraordinary General Assembly meetings shall be three fourths (3/4) of the registered members. Where a quorum is not attained, the meeting shall be postponed and convened in the following seven (7) days. The second meeting shall legitimately take decisions irrespective of the number of the members present.

Voting in special General Assembly meetings shall be either by a show of hands or by any other method approved by members.

Decisions concerning by-laws, joining other Cooperative Organizations to form Union, Federation and Confederation, shall require a majority of two thirds (2/3) of the registered members present and voting at the meeting.

Un membre d'une Société Coopérative secondaire ou tertiaire a autant de voix que le prévoient les Statuts ;

Les décisions de l'Assemblée Générale se prennent à la majorité simple des voix exprimées.

Le vote est organisé conformément aux statuts de la Société Coopérative.

Le quorum des réunions de l'Assemblée Générale Extraordinaire est de trois quarts (3/4) des membres enregistrés. Si ce quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée et est convoquée pour une seconde fois dans les sept (7) jours à compter de la date du report. Les membres présents à la seconde réunion, quel que soit leur nombre, décident sur les points inscrits à l'ordre du jour de la réunion.

Au cours des réunions de l'Assemblée Générale extraordinaire, le vote sera, soit à main levée, soit par un autre procédé approuvé par les membres.

Les décisions concernant les statuts, la formation des Unions, Fédérations ou de la Confédération, sont prises à la majorité des deux tiers (2/3) des membres enregistrés présents à la réunion et votant.

Cyakora ibirebana no guhindura amategeko shingiro, ukwishyira hamwe, ukwigabanyamo ibice, kwihinduramo ikindi kitari Koperative no gusesa byemezwa mu Nama Rusange idasanzwe yitabiriwe na bitatu bya kane (3/4) by'abanyamuryango kandi icyemezo gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'abitabiriye inama

**Icyiciro cya 2 :  
Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 63: Abagize inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi ni urwego ruyobora Koperative rugashyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza bishyirwaho n'Inteko Rusange hakurikijwe amategeko shingiro ya Koperative n'iri Tegeko.

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu batari muni ya batanu (5) ariko batarenze icyenda (9), batorwa hakurikijwe amategeko shingiro kandi aho bishoboka hakubahirizwa ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo.

**Ingingo ya 64: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi bwa Koperative ifite inshingano zikurikira:

1° kuyobora Koperative;

However, the amendment of By-laws, merger, break-up, transformation and dissolution of Cooperative Organization shall be approved by the extraordinary General Assembly meeting where three fourths (3/4) of the members are present and the decision shall require a majority of three fourths (3/4) of members present in the meeting.

**Section 2: Board of Directors**

**Article 63: Members of the Board of Directors**

The Board of Directors shall be the management authority of the Cooperative Organization which implements the decisions and directives adopted by the General Assembly in accordance with the By-laws of the Cooperative Organization and this Law.

The Board of Directors shall comprise not less than five (5) and not more than nine (9) directors and elected in accordance with the by-laws and taking into account "gender" aspect where possible.

**Article 64: Functions of the Board of Directors**

The Board of Directors of a Cooperative Organization shall have the following functions:

1° to direct the Cooperative Organization;

Toutefois, le quorum pour statuer sur la modification des Statuts, la fusion, la scission, la transformation et la dissolution des sociétés coopératives est de trois quarts (3/4) des membres effectifs réunis en Assemblée Générale Extraordinaire. La décision est prise à la majorité des trois quarts (3/4) des membres présents.

**Section 2 : Du Conseil d'Administration**

**Article 63: Membres du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration est l'Organe de gestion de la Société Coopérative. Il exécute les décisions et les orientations de l'Assemblée Générale et doit se soumettre aux Statuts de la Société Coopérative et à la présente loi.

Le Conseil d'Administration comporte au moins de cinq (5) et au plus de neuf (9) membres élus conformément aux Statuts et dans le respect du principe du « Genre », là où c'est possible.

**Article 64 : Attributions du Conseil d'Administration**

Les fonctions du Conseil d'Administration d'une Société Coopérative sont les suivantes :

1° diriger la société coopérative ;

2° gutegura inama y'Inteko rusange;	2° to prepare the General Assembly meeting;	2° préparer la réunion de l'Assemblée Générale ;
3° gutegura amategeko ngengamikirere ya Koperative;	3° to draft the internal regulations of the Cooperative Organization;	3° préparer le règlement d'ordre intérieur de la société coopérative ;
4° gusuzuma no kwemeza dosiye y'abashaka kuba abanyamuryango;	4° to examine and recommend the admission of new members;	4° examiner les dossiers et recommander l'admission de nouveaux membres ;
5° gushyikiriza raporo y'ibikorwa n'iy'amicungire y'imari bya Koperative Inteko Rusange;	5° to submit the activity report and the financial statement of the Cooperative Organization to the General Assembly;	5° soumettre le rapport d'activités et le rapport financier de la société coopérative à l'Assemblée Générale ;
6° gutegura umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka ukurikira;	6° to prepare the draft Budget for the following year;	6° préparer le projet de budget de la société coopérative pour l'année suivante ;
7° gutegura imishinga ifitiye Koperative akamaro;	7° to initiate profitable projects for the Cooperative Organization;	7° préparer des projets utiles pour la Coopérative ;
8° gusinya amasezerano mu izina rya Koperative;	8° to sign contracts in the name of a Cooperative Organization;	8° conclure des contrats au nom et pour le compte d'une société coopérative;
9° kubungabunga umutungo wa Koperative;	9° to manage the Cooperative Organization's property;	9° gérer le patrimoine de la société coopérative ;
10° kumenya uko imari ya Koperative iteye no kureba ko Koperative icunzwe neza;	10° to follow the financial situation and check if the finances of a Cooperative Organization are well managed;	10° connaître la situation financière de la société coopérative et vérifier comment les finances sont gérées ;
11° guhagararira Koperative imbere y'amategeko;	11° to represent the Cooperative Organization before the law;	11° représenter la société coopérative devant la loi ;
12° gukoresha inama igihe cyose bibaye ngombwa;	12° to hold meetings when necessary;	12° tenir des réunions chaque fois que de besoin ;

13° kubika ibitabo byose bya Koperative harimo iri tegeko, urutonde rw'abanyamuryango, urutonde rw'abagize Inama y'Ubuyobozi n'iy'abagenzuzi;

14° Gukora ibindi byose bya ngombwa bituma Koperative igera ku nshingano zayo.

**Ingingo ya 65 : Manda y'Inama y'Ubuyobozi**

Manda y'Inama y'Ubuyobozi ni imyaka itatu (3). Nta muntu wo mu Nama y'Ubuyobozi ushobora gukora manda zirenze ebyiri zikurikirana muri Koperative.

**Ingingo ya 66 : Ibishobora kuryozwa abagize inama y'Ubuyobozi**

Bitabangamiye ibyo bashobora gukurikiranwaho mu rwego rw'amategeko ahana, abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba gukorana ubwitonzi n'ubushishozi biranga abikorera kandi babifitemo umurava.

Abagize Inama y'Ubuyobozi baryozwa, umwe ku giti cye cyangwa bose hamwe, ibyo bahombeje cyangwa bononnye, n'ibyaha bakoreye Koperative mu gihe bari mu milimo yabo.

13° to keep all books and records of the Cooperative Organization including this Law, the list of members and the list of members of the Board of Directors and of the list of members of the Supervisory Committee;

14° to carry out all other necessary activities for the fulfilment of the objectives of the Cooperative Organization.

**Article 65: Term of office of the Board of Directors**

The term of office of the Board of Directors shall be three (3) years. No member of the Board of Directors shall hold office of a Cooperative Organization for a continuous period of more than two (2) terms of office.

**Article 66: Liabilities of the Board of Directors**

Without prejudice to their penal responsibilities, the members of the Board of Directors shall exercise their duties with the prudence and diligence that characterise, persons who are committed and diligent.

Board members shall individually or jointly be held liable for losses sustained, damage caused to the Cooperative Organization's property and offences committed in the exercise of their duties.

13° garder les documents de la société coopérative y compris la présente loi, la liste des membres de la société coopérative, la liste des membres du Conseil d'Administration ainsi que celle des membres du Conseil de Surveillance.

14° accomplir toute autre tâche nécessaire à la poursuite de l'objet de la société coopérative.

**Article 65: Mandat du Conseil d'Administration**

Le mandat du Conseil d'Administration est de trois (3) ans. Aucun membre du Conseil d'Administration d'une Société Coopérative n'est autorisé à faire plus de deux (2) mandats consécutifs.

**Article 66: Responsabilités des membres du Conseil d'Administration**

Sans préjudice de leurs responsabilités pénales, les membres du Conseil d'Administration exercent leurs fonctions avec la prudence et la diligence d'une personne engagée agissant en bon père de famille.

Les membres du Conseil d'Administration sont responsables, individuellement ou solidairement, des pertes encourues par la Société Coopérative, des dommages causés à la Société Coopérative et des infractions commises dans l'exercice de leurs fonctions.

**Ingingo ya 67: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

Nta muntu wemerewe kuba mu Nama y'Ubuyobozi igihe:

- 1° atagejeje ku myaka 21 ;
- 2° ari umukozi uhembwa muri iyo Koperative ;
- 3° yigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) mu myaka itanu (5) ibanziriza itora azira uburiganya, ubuhemu, gucunga nabi umutungo, byose bihanwa n'amategeko ahana, cyangwa se igihe yaba ashirwa mu majwi muri raporo y'iperereza cyangwa y'igenzura ryakozwe hakurikijwe iri tegeko ;
- 4° akora ku buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo ipiganwa n'iya Koperative;
- 5° yahombye;
- 6° atarariha umugabane we muri Koperative ;
- 7° akora ubucuruzi bwo kugemurira Koperative.

**Article 67: Requirements for being a member of the Board of Directors**

No person shall be eligible to serve as a member of the Board Directors in case he or she:

- 1° is under 21 years of age;
- 2° is an employee remunerated in that Cooperative Organization;
- 3° has been indefinitely sentenced to period of imprisonment equal to or exceeding six (6) months by a court, in the five (5) years prior to election due to fraud, dishonesty or financial malpractice, punishable by the Criminal Code or mentioned adversely in an inquiry or in an inspection report carried out under this Law;
- 4° participates directly or indirectly in any activity competing with that of the Cooperative Organization;
- 5° is undischarged bankrupt;
- 6° has not yet paid his/her share;
- 7° supplies goods for sale to the Cooperative Organization.

**Article 67: Conditions requise pour être membre du Conseil d'Administration**

Nul ne peut être élu comme membre du Conseil d'Administration si :

- 1° il est âgé de moins de 21 ans ;
- 2° il exerce des activités rémunérées au sein de la Société Coopérative ;
- 3° il a été définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois au cours des cinq (5) dernières années pour fraude, abus de confiance ou malversation financière, punissables par le Code pénal ou s'il a été défavorablement cité dans un rapport d'enquête ou d'inspection menées conformément à la présente Loi ;
- 4° il participe directement ou indirectement à toute activité concurrente à celle de la Société Coopérative ;
- 5° il est tombé en faillite totale ;
- 6° il n'a pas encore payé sa part sociale ;
- 7° il assure l'approvisionnement de biens à la société coopérative.

**Ingingo ya 68 : Itumizwa n'iyoborwariy'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa kubera inyungu za Koperative zigomba kurengerwa ariko ntirenze rimwe mu kwezi. Kugira ngo iterane hagomba kuboneka bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Iyo Perezida yanze gutumiza Inama y'Ubuyobozi, ishobora gutumizwa na 51% by'abayigize Inama y'Ubuyobozi kandi bagafata ibyemezobya ngombwa nk'aho iyo nama yatumijwe na Perezida.

Nta cyemezo gishobora gufatwa n'Inama y'Ubuyobozi igihe cyose umubare w'abayigize usabwa n'itegeko kugira ngo inama ikorwe utuzuye.

Buri cyemezo gifatwa hakurikijwe ubwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, gifatwa hakurikijwe ubwiganze mu majwi. Iyo amajwi anganyye, ijwi rya Perezida niryo rikemura impaka.

Inyandiko-mvugo ya buri nama y'Inama

**Article 68: Convening and chairing the meeting of the Board of Directors**

The Board of Directors shall meet once in three months and as often as the interest of the Cooperative Organization requires but not more than once a month. The quorum required shall be two thirds (2/3) of its members.

The meeting shall be convened by the Chairperson of the Cooperative Organization, or in his absence, by the Vice Chairperson. In the absence of both, the meeting shall be convened and chaired by any Director elected to act as President. It may also be convened at the request of three (3) Directors.

Where the Chairperson fails to convene a Board meeting, the absolute majority (51%) of the Board members may convene such meeting and take the necessary decisions as if the meeting had been convened by the President.

Decisions of the Board shall not be valid unless the quorum required by the law is attained. Every decision shall be taken by consensus. When the consensus has not been reached, the decision shall be by a majority of votes. In case of equality of votes, the Chairperson shall have a casting vote. Minutes of every meeting of the Board shall be

**Article 68: Convocation et présidence des réunions du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration se réunit une fois par trimestre et autant de fois que l'intérêt de la société coopérative l'exige mais pas plus d'une fois par mois. Le quorum requis pour chaque réunion est de deux tiers (2/3) de membres.

La réunion est convoquée par le Président de la Société Coopérative, ou en son absence, par le Vice Président. En l'absence des deux, la réunion est convoquée et présidée par n'importe quel Administrateur désigné pour assurer l'intérim du Président. Elle peut également être convoquée à la demande de trois (3) de ses membres.

Lorsque le Président refuse de convoquer une réunion du Conseil d'Administration, la majorité absolue des membres du Conseil d'Administration peuvent convoquer cette réunion et prendre les décisions nécessaires comme si la réunion avait été convoquée par le Président.

Les décisions du Conseil d'Administration ne sont valides que si le quorum requis par la loi est atteint. Chaque décision est prise par consensus. Dans le cas contraire, la décision est prise à la majorité des voix. En cas d'égalité des voix, la voix du Président est prépondérante.

y'Ubuyobozi yandikwa kandi igasinywa na Perezida n'umwanditsi w'inama. Amategeko shingiro ashobora guteganya ko abagize inama y'ubuyobozi bese basinya ku nyandiko-mvugo. Inyandiko-mvugo yemezwa mu nama ikurikiyeho.

**Ingingo ya 69 : Umucungamutungo akurikirana Inama y'Inama y'Ubuyobozi**

Umucungamutungo wa Koperative ajya mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ariko, mu ifatwa ry'ibyemezo ntatora. Ibitekerezo bye ni ngishwanama.

**Icyiciro cya 3: Inama y'Ubugenzuzi**

**Ingingo ya 70 : Abagize Inama y'Ubugenzuzi**

Inteko rusange ya Koperative itora abagize Inama y'Ubugenzuzi igizwe n'abanyamuryango batari muni babiri (2) ariko ntibarenga batanu (5).

Abagize Inama y'Ubugenzuzi batorerwa manda y'imyaka ibiri ariko bashobora kwongera gutorwa.

written and signed by the Chairperson and the Secretary of the meeting. The Bylaws of a Cooperative Organization may provide that all Directors sign the minutes. The minutes shall be approved at the next meeting.

**Article 69: Attendance by the Manager to the Board of Directors meetings**

The manager of a Cooperative Organization shall attend the Board meetings without the right to vote. His/her opinion shall be advisory.

**Section 3: Supervisory Committee**

**Article 70: Members of the Supervisory Committee**

The General Assembly shall elect a Supervisory Committee which shall consist of not less than two (2) members of the Organization and not more than five (5) members.

Members of the Supervisory Committee shall be elected for a term of two years but they may be re-elected.

Le procès-verbal de chaque réunion du Conseil d'Administration doit être écrit et signé conjointement par le Président et le Secrétaire de la réunion. Les Statuts peuvent prévoir que tous les membres du Conseil d'Administration signent le procès verbal. Le procès-verbal doit être approuvé lors de la réunion suivante.

**Article 69 : Participation du gérant aux réunions du Conseil d'Administration**

Le gérant d'une Société Coopérative assiste aux réunions du Conseil d'Administration sans droit de vote. Son opinion est consultative.

**Section 3 : Du Conseil de Surveillance**

**Article 70: Membres du Conseil de Surveillance**

L'Assemblée Générale d'une société coopérative élit un Conseil de Surveillance composé d'au moins deux (2) et cinq (5) inclusivement.

Les membres du Conseil de Surveillance sont élus pour un mandat de deux (2) ans renouvelable



**Ingingo ya 71: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize Inama y'Ubugenzuzi**

Nta muntu utorerwa kujya mu nama y'Ubugenzuzi iyo

- 1° arebwa n'ibivugwa mu ngingo ya 67 y'iri tegeko;
- 2° ari mu bagize Inama y'Ubuyobozi ;
- 3° ari mu bagize komite y'abatanga inguzanyo ;
- 4° yashakanye n'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ;
- 5° ari Umucungamutungo cyangwa afitanye isano ya hafi nawe.

**Article 71: Conditions to serve as a member of the Supervisory Committee**

No person shall be elected as a member of a Supervisory Committee if he/she

- 1° falls under the conditions set out in article 67 of this Law;
- 2° is a member of the Board of Directors;
- 3° is a member of the credit committee;
- 4° is a spouse of one of the Directors of the Board;
- 5° is a manager or any of his/her close relatives.

**Article 71 : Conditions d'éligibilité au Conseil d'Administration**

Nul ne peut être élu comme membre du Conseil de Surveillance si elle/il :

- 1° est visé (e) par les conditions spécifiées dans l'article 67 de la présente Loi ;
- 2° est membre du Conseil d'Administration ;
- 3° est membre du Comité d'octroi de Crédit ;
- 4° est le conjoint d'un des membres du Conseil d'Administration ;
- 5° est gérant ou un parent à ce dernier.

**Ingingo ya 72 : Inshingano n'imirimo by'Inama y'Ubugenzuzi**

Inshingano n'imirimo y'abagize Inama y'Ubugenzuzi :

- 1° kugenzura imicungire ya Koperative byibura rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa;

**Article 72: Duties and functions of the Supervisory Committee**

The duties and functions of the members of the Supervisory Committee shall be:

- 1° to supervise the management of the cooperative organisation once in every three (3) months and at any time it is considered necessary;

**Article 72: Attributions et fonctions du Conseil de Surveillance**

Les attributions et les fonctions du Conseil de Surveillance sont les suivantes :

- 1° contrôler la gestion de la société coopérative au moins une fois tous les trois (3) mois et chaque fois que c'est nécessaire ;

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 2° gushyikiriza raporo yayo abanyamuryango n'abagize Inama y'Ubuyobozi ;  | 2° to submit its report to the members and the members of the Board of Directors;   | 2° remettre son rapport à l'Assemblée Générale et au Conseil d'Administration de la société coopérative ;   |
| 3° gukurikirana imikorere y'umugenzuzi uhoraho wa Koperative;   | 3° to supervise the functioning of the permanent internal auditor of the cooperative organisation;  | 3° faire le suivi des performances de l'auditeur interne de la société coopérative  |
| 4° gukurikirana ko umurongo washyizweho n'Inteko Rusange ukurikizwa nk'uko washyizweho no kureba niba unoze;  | 4° to counter-check the respect and effectiveness and ensure the appropriateness of guidelines set up by the General Assembly;  | 4° vérifier si la ligne définie par l'Assemblée Générale est suivie telle qu'adoptée et s'assurer si elle est appropriée;   |
| 5° kunganira izindi nzego za Koperative mu kwumvikanisha amategeko shingiro agenga amakoperative, amategeko shingiro, ibyemezo by'inteko rusange cyangwa by'Inama y'Ubuyobozi n'iby'izindi komite n'umurongo Koperative igenderaho, hagamijwe gutsura ubwumvikane no gukora abantu bahuza muri Koperative ; | 5° to support other organs of the Cooperative organisation in disseminating the Law governing cooperative organisation, , by-laws, resolutions of the General Assembly or those of the board of directors and of other committees and guidelines that govern cooperative organisations with a view to creating understanding and harmony in the Cooperative Organization; | 5° aider dans la vulgarisation de la Loi régissant les sociétés coopératives, des statuts, des résolutions de l'Assemblée Générale ou du Conseil d'Administration et des autres comités, ainsi que la ligne élaborée par la Société Coopérative en vue de créer une entente et une harmonie au sein de la société coopérative ; |
| 6° kugenzura niba Inama y'Ubuyobozi n'izindi nzego za Koperative zishyira mu bikorwa ibyemezo byose byafashwe hagamijwe kurengera inyungu rusange z'abanyamuryango.   | 6° to verify whether the Board of Directors and other Organs of a Cooperative Organization implement all the decisions made in order to protect the general interests of the members of the Cooperative Organization.   | 6° vérifier si le Conseil d'Administration ainsi que les autres Organes de la société coopérative mettent en application toutes les décisions prises en vue de la protection des intérêts des membres de la société coopérative.  |

**Ingingo ya 73 : Iterana ry’Inama y’Ubugenzuzi**

Inama y’Ubugenzuzi iterana byibura rimwe mu mezi atatu (3) n’igihe ibisabwe byibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy’abanyamuryango ba Koperative.

Mu nama yayo ya mbere, Inama y’Ubugenzuzi yitoramo Perezida n’Umwanditsi mu bayigize batowe hakurikijwe ibiteganywa n’ingingo ya 71 y’iri tegeko.

**Ingingo ya 74: Itumizwa ry’inama y’Inteko Rusange idasanzwe bisabwe n’Inama y’Ubugenzuzi**

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 57 y’iri tegeko, iyo inama y’Ubugenzuzi irangije imirimo yayo igasanga ari ngombwa kugeza raporo yayo ku Nama y’Inteko rusange ku buryo bwihutirwa, isaba Inama y’Ubuyobozi gutumiza inama idasanzwe y’Inteko Rusange. Iyo Inama y’Ubuyobozi yanze gutumiza iyo nama mu gihe cy’iminsi icumi (10), Inama y’ubugenzuzi igomba kuyitumiza kugira ngo iyisobanurire bimwe mu bibazo byihariye byagaragaye muri raporo yayo. icyo gihe, Inama iyoborwa na Perezida w’Inama y’Ubugenzuzi.

**Article 73: Meeting of the Supervisory Committee**

The Supervisory Committee shall meet at least once in three (3) months or when a request is made to the committee by at least one fifth (1/5) of the Cooperative Organization’s members.

At its first meeting, the Supervisory Committee shall elect the Chairperson and the Secretary among the members elected in conformity with the provisions of article 71 of this Law.

**Article 74: Calling an Extraordinary General Assembly meeting upon request by the supervisory committee**

Without prejudice to the provisions of article 57 of this law, on completion of its auditing work and where it feels that a report of its findings has to be communicated very urgently to the General Assembly, the Supervisory Committee shall request the Board of Directors to convene a special General Assembly meeting to discuss it. Where the Board of Directors fails to convene an extraordinary General Assembly meeting within ten (10) days, the Supervisory Committee shall convene it in order to communicate to it specific issues arising in its report. In that case, the meeting shall be chaired by the Chairperson of the Supervisory Committee.

**Article 73 : Réunion du Conseil de Surveillance**

Le Conseil de Surveillance se réunit au moins une fois tous les trois mois ou à la demande d’un cinquième (1/5) au moins des membres de la Société Coopérative.

Lors de sa première réunion, le Conseil de Surveillance élit le Président et le Secrétaire parmi les membres élus en tenant compte des dispositions de l’article 71 de la présente Loi.

**Article 74 : Convocation d’une réunion de l’Assemblée Générale Extraordinaire sur demande du Conseil de Surveillance**

Sans préjudice aux dispositions de l’article 57 de la présente loi, lorsqu’il termine son travail d’audit et qu’il remarque que les conclusions de son rapport doivent être communiquées d’urgence à l’Assemblée Générale de la société coopérative, le Conseil de Surveillance demande au Conseil d’Administration de convoquer une réunion extraordinaire de l’Assemblée Générale. Quand le Conseil d’Administration refuse de convoquer une réunion de l’Assemblée Générale Extraordinaire dans les 10 jours, le Conseil de Surveillance doit la convoquer en vue de lui communiquer des points spécifiques de son rapport. Dans ce cas, la réunion est présidée par le Président du Conseil de Surveillance.

**Ingingo ya 75 : Ibyo Inama y'Ubugenzuzi igomba kwirinda**

Mu mirimo yayo, Inama y'Ubugenzuzi, igomba kwirinda icyabangamira imikorere y'abakozi cyangwa imigendekere myiza y'imirimo ya Koperative.

**Icyiciro cya 4 :  
Komite n'abakozi ba Koperative**

**Ingingo ya 76 : Komite zihariye**

Aho bishoboka, buri Koperative ishyiraho Komite zishinzwe inyigisho n'amahugurwa, inguzanyo, imari, abakozi, zigahabwa imirimo n'inshingano hakurikijwe amategeko shingiro.

Buri munyamuryango ashobora gutorerwa kujya muri Komite. Ariko uko byagenda kose, Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ntashobora kuba umwe mu bagize Komite itanga imyenda n'inguzanyo ku banyamuryango ba Koperative.

**Ingingo ya 77 : Umucungamutungo n'abakozi bamufasha**

Inama y'Ubuyobozi ishyiraho Umucungamutungo wa Koperative n'abandi

**Article 75: What the Supervisory committee shall avoid.**

When exercising its duties, the Supervisory Committee shall avoid acting in any way that may paralyze the work of the staff or the activities of the Cooperative Organization.

**Section 4:  
Committee and employees of the Cooperative Organization**

**Article 76: Specialized Committees**

Where possible, every Cooperative Organization shall establish education and training, credit and finance, personnel committees and shall define their functions and duties in accordance with the By-laws.

Any member may be elected as a member of a committee. In any case, the Chairperson of the Board of Directors shall not be a member of the committee granting loans or credits to members of a Cooperative Organization.

**Article 77: Manager and support staff**

The Board of Directors shall, subject to the approval of the General Assembly and in compliance with the Labor Law, appoint a

**Article 75 : Ce que le Conseil de Surveillance doit éviter.**

Dans l'exercice de ses fonctions, le Conseil de Surveillance doit éviter toute action susceptible d'entraver le travail du personnel ou la bonne marche des activités de la Société Coopérative.

**Section 4 :  
Des comités et des Employés de la Société Coopérative**

**Article 76: Comités spéciaux**

Dans la mesure du possible, chaque Société Coopérative peut créer des sous-comités pour l'éducation et la formation, le crédit, les finances et pour le personnel, et définir leurs rôles conformément aux Statuts.

Chacun membre peut être élu membre d'un sous comité. En aucun cas, le Président du Conseil d'Administration ne peut être membre du comité pour l'octroi des prêts et des crédits aux membres d'une Société Coopérative.

**Article 77 : Le Gérant et le personnel**

Le Conseil d'Administration peut, sous réserve de l'approbation par l'Assemblée Générale et conformément au Code du Travail, nommer un

bakozi bamufasha bahembwa umushahara, bakemezwa n'Inteko Rusange kandi bigakurikiza amategeko y'Igihugu agenga umurimo.

Umucungamutungo ushyizweho ntashobora gukora indi mirimo isa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'iyi Koperative ikora.

Umushahara n'andi mashimwe by'Umucungamutungo n'iby'abandi bakozi bishyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi, bimaze kwemezwa n'Inteko Rusange.

## **UMUTWE WA 5: UMUTUNGO WA KOPERATIVE**

**Icyiciro cya mbere:**  
**Aho umutungo wa Koperative ukomoka**

**Ingingo ya 78: Aho umutungo wa Koperative ukomoka**

Umutungo wa Koperative ugizwe n'ibi bikurikira:

- 1° umusanzu w'abanyamuryango wemejwe n'inteko rusange;
- 2° imigabane y'abanyamuryango;
- 3° indi migabane y'inyongera yemejwe kandi yarishywe;

remunerated manager and other support staff of a Cooperative Organization.

An appointed manager shall not directly or indirectly participate in any activity that competes with that of the Cooperative Organization she/he is working for.

The remuneration and other benefits of the manager and other support staff shall be determined by the Board of Directors after the approval of the General Assembly.

## **CHAPTER 5: PROPERTY OF A COOPERATIVE ORGANIZATION**

**Section One: Source of Property of the cooperative organization**

**Article 78: Source of a Cooperative organization's property**

The property of the Cooperative Organization shall consist of:

- 1° membership fee as may be decided by the General Assembly;
- 2° member shares;
- 3° any additional shares subscribed for and fully paid-up;

gérant de la société coopérative ainsi qu'un personnel d'appui rémunérés.

Le gérant nommé ne peut pas s'adonner directement ou indirectement aux activités concurrentes à celles de la Société Coopérative pour laquelle il travaille.

La rémunération et les autres avantages pour le gérant et autre personnel d'appui sont fixés par le Conseil d'Administration après approbation par l'Assemblée Générale.

## **CHAPITRE 5 : DU PATRIMOINE D'UNE SOCIETE COOPERATIVE**

**Section première : Source du patrimoine d'une société coopérative**

**Article 78 : Sources du patrimoine d'une société coopérative**

Le patrimoine d'une société coopérative proviennent de :

- 1° des contributions décidées par l'Assemblée Générale;
- 2° parts sociales ;
- 3° toutes autres parts additionnelles souscrites et libérées ;

4° inyungu zitasaranganyijwe abanyamuryango, zagenewe gushyirwa mu kigeza gishyirwaho hakurikijwe iri tegeko harimo n'ikigeza bazigamiramo Koperative;	4° any net surplus undistributed to members meant to be deposited to the fund established in accordance with this law including the cooperative organization reserve fund;	4° tout bénéfice net non distribué à verser dans un fonds créé conformément à la présente loi, y compris le fonds de réserve;
5° amafaranga azigamirwa Koperative;	5° reserve fund;	5° fonds de réserve;
6° impano n'inkunga zemewe n'amategeko zitanzwe na Leta, abikorera n'imiryango nterankunga;	6° donations and other contributions legally obtained from public and private donors;	6° dons et autres contributions légalement obtenus de l'Etat, des privés ou d'autres bailleurs ;
7° inguzanyo zitangwa n'abanyamuryango, izindi Koperative, amabanki n'ibindi bigo by'imari bya Leta cyangwa byigenga;	7° loans from members, other Cooperative Organizations, banks and public or private financial institutions;	7° prêts octroyés à la coopérative par les membres, d'autres Sociétés Coopératives, des banques et autres institutions financières publiques ou privées ;
8° amafaranga abitswa n'abanyamuryango cyangwa n'andi makoperative;	8° deposits from members or other Cooperative Organizations;	8° dépôts des membres ou des autres sociétés coopératives ;
9° indi misanzu ishobora gutangwa n'abanyamuryango yiyongera ku mari shingiro ya Koperative igatangwa hakurikijwe amategeko shingiro;	9° any other contribution by members to the capital of the Cooperative Organization pursuant to the By-laws;	9° toute autre contribution au capital social par les membres de la coopérative conformément aux statuts ;
10° ubwasisi bushingiye ku itangwa ry'imigabane.	10° any premium arising on the issue of shares.	10° primes à l'émission des parts sociales.

**Ingingo ya 79: Amafaranga abitswa n'abanyamuryango**

Koperative yemerewe kubikira amafaranga abanyamuryango bayo gusa. Amategeko rusange ya Koperative n'ay'umwihariko

**Article 79: Members' Deposits**

A Cooperative Organization may only receive deposits from its members. The by-laws and internal regulations of the cooperative

**Article 79 : Dépôts des membres**

Une société coopérative ne peut recevoir que les dépôts de ses membres. Les statuts de la société coopérative et son règlement d'ordre intérieur

bigena uburyo uko kubitsa bikorwa.

Nta Koperative yemerewe gutanga inguzanyo cyangwa umwenda ku bandi bantu batari abanyamuryango bayo. Urugero ntarengwa rw'izo nguzanyo rugenwa n'amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere by'iyi Koperative.

Uburyo Koperative yaka inguzanyo cyangwa iyifata n'urugero ntarengwa rwayo bigenwa n'amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere by'iyi Koperative.

#### **Ingingo ya 80: Gushora no kubika amafaranga ya Koperative**

Koperative ishobora gushora no kubika amafaranga yayo aha hakurikira gusa:

- 1° muri banki zo kuzigama;
- 2° mu yandi makoperative ifitemo imigabane;
- 3° muri banki iyo ariyo yose yemewe n'amategeko agenga za banki;
- 4° mu kigega cy'ikigo icyo aricyo cyose cyemewe n'amategeko kandi gikorera mu Rwanda, cyangwa mu bundi buryo bwemejwe n'Inteko Rusange ya Koperative.

organization shall determine the modalities of how such deposits shall be received.

A Cooperative Organization shall not give loans nor allow any credit to persons other than members of the Cooperative Organization. The maximum amount of such loans or credit shall be determined by the by-laws and internal regulations of the Cooperative Organization.

The maximum loan to be borrowed by a Cooperative Organization and the procedure, shall be determined by its by-laws and internal regulations.

#### **Article 80: Investing and placement of cooperative organization' funds**

A Cooperative Organization may invest and deposit its funds only:

- 1° in savings banks;
- 2° in other Cooperative Organizations in which it has shares;
- 3° with any bank licensed under the Banking Law;
- 4° in the stock of any statutory body established in Rwanda or in any other manner approved by a resolution at a General Assembly meeting of the Cooperative Organization.

déterminent la manière dont ces dépôts sont reçus.

Une Société Coopérative ne peut accorder des prêts ou des crédits qu'aux seuls membres. Le niveau maximum de ces prêts et crédits est déterminé par les statuts et le règlement d'ordre intérieur de la Coopérative.

La manière dont la coopérative demande des prêts ou des crédits et leur niveau maximum sont déterminés par les statuts et le règlement d'ordre intérieur de cette coopérative.

#### **Article 80: Investir et placer les fonds d'une société coopérative**

Une société coopérative peut investir ou déposer ses fonds uniquement :

- 1° dans les Banques d'épargne ;
- 2° dans d'autres sociétés coopératives où elle a des parts sociales;
- 3° dans toute autre Banque agréée par la loi régissant les Banques ;
- 4° dans la réserve de toute autre institution financière légalement reconnue, établie au Rwanda ou d'une autre manière approuvée par une résolution d'une Assemblée Générale de la coopérative.

Inama y'Ubuyobozi ntishobora na rimwe gushora umutungo wa Koperative itabanje kubihirwa uburenganzira n'abanyamuryango.

Mu gushora umutungo wa Koperative, Inama y'Ubuyobozi igomba kubanza kureba amafaranga ari mu isanduku, kandi ikareba niba aho iwushoye hafite umutekano.

### **Ingingo ya 81: Ifoto y'umutungo wa Koperative n'igenzura ry'imari**

Buri mwaka Koperative igomba kumenyesha abanyamuryango bayo ifoto y'umutungo n'igenzura ry'imari byakozwe ku bijyanye n'imirimo ya Koperative kandi ikanerekana inyungu yose n'ubwasisi bigomba kugabanywa abanyamuryango.

Byibura rimwe mu mwaka, nyuma yo gusoza umwaka w'ingengo y'imari, kandi bitewe n'urwego rw'umutungo igezeho, Koperative isabwa gukoresha igenzuramutungo rigakorwa n'abantu baturutse hanze yayo bashyirwaho n'Inteko Rusange.

Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze ashiraho amabwiriza yerekana ibyiciro by'amakoperative arebwa n'iryo genzura.

The Board of Directors may not, in any case, invest the assets of a Cooperative Organization without express authority of the members.

When investing the assets of the Cooperative Organization, the Board of Directors shall consider the liquidity as well as the security aspects of the investments.

### **Article 81: Balance sheet and audited accounts**

In each financial year, the Cooperative Organization shall declare, a balance sheet and audited accounts of its annual transactions, and all dividends and bonuses due to its members.

At least once a year after the closure of the financial year and according to the size of its assets and financial level, a Cooperative Organization is required to carry out an external audit by auditors appointed by the General Assembly.

The Minister in charge of cooperatives shall issue guiding instructions indicating categories of Cooperative Organizations concerned with such an audit.

Le Conseil d'Administration ne peut en aucun cas investir les avoirs d'une Société Coopérative sans l'accord exprès des membres.

Au moment d'investir les actifs de la Société Coopérative, le Conseil d'Administration doit s'assurer de la liquidité et des aspects de sécurité des investissements.

### **Article 81 : Bilan et Audit financier**

Chaque année, chaque société coopérative doit présenter à ses membres les états financiers de l'exercice, le bilan et le rapport d'audit financier fait sur les opérations de la coopérative et déclarer tous les dividendes ou ristournes qui doivent être distribués aux membres.

Au moins une fois par an, à la fin de l'exercice financier, et compte tenu de la taille de son patrimoine, la coopérative doit faire procéder à un audit du patrimoine par des Auditeurs externes nommés par l'Assemblée Générale de la Coopérative.

Le Ministre ayant les coopératives dans ses attributions détermine, par voie d'instructions, les catégories des Sociétés Coopératives concernées par cet audit externes.



**Ingingo ya 82: Ibyemezo k'ubwasisi cyangwa ku nyungu byashowe cyangwa byazigamiwe Koperative**

Iyo abanyamuryango bafashe icyemezo cyo gushora ubwasisi cyangwa inyungu mu rwego rwo kongera imari shingiro ya Koperative cyangwa kwizigamira, icyo gihe Koperative igomba guha abanyamuryango ibyemezo by'ubwo bwasisi n'izo nyungu byashowe cyangwa byazigamwe.

**Ingingo ya 83 : Ikigega cy'ingoboka**

Buri Koperative ifite cyangwa ishobora kubona inyungu ku bikorwa byayo, itegetswe gufungura ikigega cy'ingoboka ibikamo amafaranga yo kwizigamira angana na 20 % y'inyungu yose yabonetse mu mwaka havuyemo amafaranga yakoreshejwe.

Amafaranga azigamirwa Koperative muri icyo kigega ashorwa hakurikijwe uburyo bwateganyijwe mu ngingo ya 80 y'iri tegeko.

Koperative ishahiraho ibigega byihariye bishyirwamo igice cy'inyungu yabonetse nk'uko amategeko shingiro ya Koperative ashobora kubiteganya cyangwa nk'uko Inama Rusange ya Koperative ishobora kubyemeza.

Koperative ntiyemerewe kugabanya urwunguko abanyamuryango ikoresheje amafaranga yazigamwe mu kigega cy'ingoboka.

**Article 82: Resolutions on bonus dividend invested or saved in reserve Fund**

When bonuses or dividends are required for re-investment by the members for capital development or for the redemption of bonus certificates, the Cooperative Organization shall issue bonus or dividend certificates to the members.

**Article 83: Reserve Fund**

Every Cooperative Organization, that derives a surplus from its economic transactions shall be required to set up a Legal Reserve Fund into which it shall save 20 % of the net surplus in each financial.

The Funds saved by the cooperative organization in the Legal Reserve Fund shall be invested in accordance with the provision of article 80 of this Law.

A Cooperative Organization shall set up special reserve funds into which shall be paid such part of its surplus as may be provided for in the By-laws or approved by the General Assembly.

A Cooperative Organization is not permitted to allocate dividends to its members from a Legal Reserve Fund.

**Article 82 : Résolutions sur les ristournes ou dividendes investis ou affectés aux Fonds de réserve**

Si les ristournes ou les dividendes doivent être réinvestis par les membres pour augmenter le capital, pour racheter les certificats de primes ou pour épargner, la société coopérative devra émettre les certificats de ristournes, dividendes ou d'épargne faite par les membres.

**Article 83: Fonds de Réserve Légale**

Toute société coopérative qui fait ou qui peut dégager un bénéfice de ses transactions économiques doit constituer ou maintenir un Fonds de Réserve Legal dans lequel il est versé 20% de tout le bénéfice net annuel.

Le Fonds Réserve Légale sera investi conformément aux dispositions de l'article 80 de la présente Loi.

La société coopérative institue des fonds de réserve spéciales dans lesquels une part de son bénéfice doit être versée comme peut l'approuver l'Assemblée Générale.

Une Société Coopérative ne doit pas payer de dividende prélevé de la Réserve Légale.

Amafaranga azigamirwa Koperative avugwa muri iyi ngingo ntashobora kugabanywa kandi nta munyamuryango ufite uburenganzira bwo kuyasabaho umugabane keretse igihe Koperative yafashe icyemezo cyo guha abanyamuryango bayo ubwasisi ku migabane, cyangwa iyo umunyamuryango asezeze cyangwa yirukanywe muri Koperative.

**Ingingo ya 84: Imikoreshereze y'amafaranga azigamirwa Koperative**

Amafaranga azigamirwa Koperative mu kigega ngoboka akoreshwa mu buryo bukurikira kandi ari uko byemejwe n'Inteko Rusange:

- 1° guteza imbere Koperative;
- 2° kwishyura abo Koperative ibereyemo imyenda nyuma y'iseswa ryayo;
- 3° kuyakoresha ikindi kintu abanyamuryango bemeranyijweho kandi babona ko kibafitiye akamaro.

**Ingingo ya 85: Ikigega gihoraho gishinzwe inyigisho n'amahugurwa**

Koperative zigomba gushyiraho ikigega gihoraho gishinzwe inyigisho n'amahugurwa, gishobora guterwa inkunga na Leta, abikorera n'abandi baterankunga.

The Legal Reserve Fund under this article shall be indivisible and no member shall be entitled to claim a specific share of it except when a Cooperative Organization has decided to issue bonus shares to its members or in case of withdrawal or expulsion of a member from the Cooperative Organization.

**Article 84: Utilization of the Legal Reserve Fund**

The Legal Reserve Fund may be applied for the following purposes with the approval of the General Assembly:

- 1° development and growth of a Cooperative Organization;
- 2° payment of creditors upon dissolution of a Cooperative Organization;
- 3° any other purpose as the members may deem fit;

**Article 85: Permanent education and training funds**

Cooperative Organizations shall establish a permanent education and training fund which may receive funds from the Government, private sector and other donors.

Le Fonds de Réserve Légale constitué aux termes de cet article est indivisible et aucun membre n'est autorisé à en réclamer une part spécifique sauf si la Coopérative a décidé de distribuer des ristournes sur les parts sociales à ses membres ou en cas de démission ou d'exclusion d'un membre de sa Coopérative.

**Article 84 : Utilisation du Fonds de Réserve Légale**

Le Fonds de Réserve Légale sera utilisée dans les cas suivants avec l'approbation de l'Assemblée Générale :

- 1° le développement et la croissance de la société coopérative ;
- 2° le paiement des créanciers après la dissolution de la société coopérative ;
- 3° l'utilisation pour tout autre but selon que les membres l'estiment utile.

**Article 85 : Fonds permanent pour l'éducation et la formation**

Les sociétés coopératives doivent constituer un fonds permanent pour l'éducation et la formation qui peut être alimenté par des subsides de l'Etat, des privés ou d'autres bailleurs.

Minisitiri ushinzwe amakoperative, abyumvikanyeho n'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative n'Urugaga rw'amakoperative, ashiraho amabwiriza y'uko icyo kigeza gishyirwaho n'uko gicungwa..

Hatirengagijwe ibiteganywa mu ngingo ya 83 n'ya 84 z'iri tegeko, Koperative ishobora gushyiraho ibindi bigega igihe isanga ari ngombwa.

### **Ingingo ya 86: Isaranganwa ry'urunguko**

Urwunguko rwa Koperative rusaranywa hubahirijwe urutonde rukurikira:

- 1° 20 % azigamwa mu kigeza cy'ingoboka cya Koperative;
- 2° kwishyura inyungu ku mafaranga yabikijwe n'abanyamuryango;
- 3° gutanga urwunguko n'ubwasisi ku banyamuryango hakurikijwe imirimo buri muntu yagiye akorana na Koperative;
- 4° amafaranga ashirwa mu bindi bigega bya Koperative, niba bihari;
- 5° agahimbazamusyi ku bagize Inama y'Ubuyobozi no ku bakozi ba Koperative;
- 6° ikindi kintu kitavuzwe haruguru gishobora

The Minister in charge of cooperative organizations, after consultation with the Authority in charge of cooperatives development and the Confederation of Cooperatives, shall set up regulations relating to the establishment and management of the fund.

Notwithstanding the provisions of articles 83 and 84 of this law, a Cooperative Organization may establish such other reserve funds when deemed fit.

### **Article 86 : Distribution of the net surplus**

The surplus of a Cooperative Organization shall be distributed in the following order of priority:

- 1° 20 % to the Legal Reserve Fund of the Cooperative Organization;
- 2° interest on members' deposits;
- 3° dividends and bonuses to members in proportion to the business done by the member with the Cooperative Organization;
- 4° special reserve funds if any;
- 5° incentives to the Board of Directors and employees;
- 6° any other matter not specified above in

Le Minister ayant les coopératives dans ses attributions, après consultation avec l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives et la Confédération des coopératives, émet des directives concernant la création et la gestion de ce fonds.

En dépit des dispositions des articles 83 et 84 de cette loi, une société coopérative peut créer d'autres fonds de réserve qu'il juge nécessaires.

### **Article 86: Distribution du bénéfice net**

Les bénéfices réalisés par une société coopérative sont répartie dans l'ordre de priorité suivant :

- 1° 20 % au Fonds de Réserve Légale ;
- 2° intérêts sur les dépôts des membres ;
- 3° ristournes et dividendes aux membres de la coopérative proportionnellement aux apports de chaque membre dans le cadre de sa coopérative ;
- 4° fonds spéciaux de réserve, s'il y en a ;
- 5° primes d'encouragement aux membres du Conseil d'Administration et les employés ;
- 6° toute autre chose non mentionnée ci-haut pouvant contribuer à la réalisation de l'objet

gufasha Koperative kugera ku nshingano zayo.	furtherance to the objective of the Cooperative Organization.	de la société coopérative.
<b>Icyiciro cya 2: Imikoreshereze y’umutungo wa Koperative</b>	<b>Section 2: Utilization of Cooperative Assets</b>	<b>Section 2 : De l’utilisation du Patrimoine de la société Coopérative</b>
<b>Ingingo ya 87: Imikoreshereze y’umutungo wa Koperative</b>	<b>Article 87: Utilization of Cooperative Organization’s Assets</b>	<b>Article 87 : Utilisation du Patrimoine de la société Coopérative</b>
Umutungo wa Koperative ukoreshwa gusa ku nyungu zayo hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko n’amategeko shingiro yayo.	The assets of the Cooperative Organization shall only be utilized for the benefit of the Cooperative Organization in accordance with the provisions of this Law and its by-laws.	Le Patrimoine de la société coopérative est utilisé uniquement dans l’intérêt de la coopérative conformément aux dispositions de la présente Loi et des Statuts de la Société Coopérative.
<b>Ingingo ya 88 : Isaranganwa ry’amafaranga azigamirwa Koperative</b>	<b>Article 88: Distribution of the Legal Reserve Fund</b>	<b>Article 88 : Distribution du Fonds de Réserve Légale</b>
Amafaranga azigamirwa Koperative asaranganywa gusa iyo Inteko Rusange ifashe icyemezo cyo guca Koperative mo ibice cyangwa kuyihindura nk’uko biteganywa n’iri tegeko.	The Legal Reserve Fund shall only be distributed when the General Assembly decides to split or transform a Cooperative Organization in accordance with this Law.	Le Fonds de Réserve Légale ne peut être distribué que si les membres décident, en Assemblée Générale de scinder ou de transformer la Société Coopérative conformément aux dispositions de la présente Loi.
<b>Icyiciro cya 3 : Iperereza, Ubugenzuzi n’Ubwishyu</b>	<b>Section 3: Inquiry, Inspection and Surcharge</b>	<b>Section 3 : De l’Enquête, de l’Inspection et du Remboursement</b>
<b>Ingingo ya 89 : Iperereza</b>	<b>Article 89: Inquiry</b>	<b>Article 89 : Enquête</b>
Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative, rubyibwirije cyangwa rubisabwe n’izindi nzego zibifitiye ububasha,	The Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations may, on its own initiative, or on the request of the competent	L’Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives peut, de sa propre initiative, ou sur requête d’autres Organes compétents avec

rwifashishije umukozi warwo wabihereye ububasha, rushobora gukora iperereza ku byerekeye uko Koperative yashyizweho, ku byo ikora no ku micungire y'imari yayo.

Rubisabwe kandi na Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze cyangwa n'umubare munini w'abagize Inama y'Ubugenzuzi cyangwa n'abatari munsu ya kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango ba Koperative rugomba gukora iryo perereza.

Abakozi bose n'abanyamuryango ba Koperative bafite inshingano zo kwerekana ibitabo n'izindi nyandiko za Koperative no gutanga amakuru yose yerekeye imirimo ya Koperative, babisabwe n'abantu babihereye uburenganzira n'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative.

Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rugomba gutanga amabwiriza agaragaza uburyo ibyavuye mu iperereza bishyirwa mu bikorwa.

Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rushyikiriza Inteko Rusange ya Koperative imyanzuro y'iperereza rivugwa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo kandi rugatanga inama byaba ngombwa rugatanga amabwiriza ajyanye no gushyira mu bikorwa imyanzuro ya raporo y'iryo perereza.

Organs and with the assistance of its authorized personnel, hold an inquiry into formation, activities and financial affairs of the Co-operative Organization.

It shall also conduct such an inquiry on request of the Minister in charge of cooperative organizations, or on the application of the majority of the members of the Supervisory committee or of not less than one third (1/3) of the members of a Cooperative Organization.

All officers and members of a Co-operative Organization have a legal obligation to present books and documents of a Co-operative Organization and provide any information regarding the affairs of the Co-operative Organization to an authorized person from the organ in charge of cooperative development upon request.

The Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations shall direct on the mode of implementation of the inquiry report recommendations.

The Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations shall report the findings of the inquiry under paragraph one (1) of this article to the General Assembly of the Cooperative Organization and shall give advice if necessary, directives for the implementation of the inquiry report.

l'assistance d'un employé autorisé, mener une enquête sur la constitution, les activités et la situation financière de la Société Coopérative.

Sur l'ordre du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions ou, à la demande d'un tiers (1/3) au moins des membres du Conseil de Surveillance, ou de pas moins d'un tiers des membres de la société coopérative, cet organe peut procéder à cette enquête.

Tous les cadres et les membres de la société coopérative ont l'obligation d'exhiber les livres et les documents de la coopérative et fournir les informations relatives aux affaires de la coopérative que les personnes autorisées par l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives peuvent demander.

L'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives doit donner des directives quant aux modalités d'exécution des conclusions du rapport d'enquête.

L'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives fait rapport à l'Assemblée Générale de la société coopérative des conclusions de l'enquête dont question au premier paragraphe du présent article. Il donne des conseils et, s'il le faut, des directives pour la mise en application des recommandations du rapport d'enquête.

**Ingingo ya 90 : Ubugenzuzi**

Inama y'Ubugenzuzi ikora buri gihe ubugenzuzi ku bikorwa n'imirungire y'imari bya Koperative nk'uko bivugwa mu ngingo ya 75 y'iri tegeko.

Ariko, bitabangamiye ibiteganywa muri rusange mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo, Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rushobora, kugenzura ibitabo byose bya Koperative cyangwa gushyiraho, mu buryo bwanditse, umuntu ushobora gukora iryo genzura.

Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rugeza imyanzuro y'igenzura ryakozwe ku Nteko Rusange ya Koperative. Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze nawe amenyeshwa n'urwo rwego imyanzuro ikubiye muri raporo y'iryo genzura.

**Ingingo ya 91 : Amafaranga atangwa ku iperereza cyangwa igenzura**

Iyo iperereza cyangwa igenzura bikoze, Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rushobora kugena uko harihwa amafaranga yose yakoreshejwe cyangwa igice cyayo, agabanijwe Koperative, abanyamuryango cyangwa abo Koperative ibereyemo umwenda basabye ko hakorwa iperereza cyangwa igenzura ndetse n'abakozi cyangwa abahoze ari abakozi b'iyi Koperative.

**Article 90: Inspection**

The Supervisory Committee shall carry out regular inspections pursuant to article 75 of this Law on activities and financial affairs of the Co-operative Organization.

But, without prejudice to the general provisions of paragraph one (1) of this article, the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations may inspect or direct some persons authorized by him in writing to inspect the books of a Co-operative Organization.

The Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations shall communicate the results of such an inspection carried out to the General Assembly of the Cooperative Organization. It shall also inform the Minister in charge of cooperative organizations the findings of the inspection report.

**Article 91: Costs arising from inquiry or inspection**

When an inquiry or inspection is done, the Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations may make an award apportioning all the costs, or part of the costs between the Co-operative Organization, the members or the creditors demanding an inquiry or inspection and the officers or former officers of the Co-operative Organization.

**Article 90 : Inspection**

Le Conseil de Surveillance fait régulièrement une inspection des activités et de la situation financière de la Société Coopérative conformément à l'article 75 de la présente Loi.

Néanmoins, sous réserve des dispositions générales du premier paragraphe du présent article, l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives peut procéder à une inspection ou demander aux personnes qu'il a autorisées lui-même par écrit, d'inspecter les livres d'une société coopérative.

L'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives communique à l'Assemblée Générale de la société coopérative les résultats de l'inspection effectuée. Il informe également le Ministre ayant les coopératives dans ses attributions des résultats du rapport d'inspection.

**Article 91 : Frais occasionnés par une enquête ou une inspection**

Lorsqu'une enquête ou une inspection est menée, l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives peut décider d'en répartir les frais ou une partie des frais entre la coopérative, ses membres ou le créancier qui a demandé l'enquête ou l'inspection et les agents actuels ou anciens de la société coopérative.

**Ingingo ya 92 : Ubwishyu**

Iyo bigaragaye ko, mu iperereza rivugwa mu ingingo ya 89 cyangwa mu igenzura rivugwa mu ingingo ya 90 n'ya 91, umunyamuryango cyangwa umuntu wahoze ari umukozi wa Koperative cyangwa ukiri we, arishye amafaranga nta burenganzira abifitiye cyangwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko, cyangwa yarabikoranye uburangare cyangwa imyitwarire mibi, bigatuma umutungo wa Koperative uhomba cyangwa wangirika, Inteko Rusange itegeka uwo muntu kwishyura ibyo yahombeje Koperative cyangwa ibyo yangije kubera imyitwarire ye.

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya Koperative amenyesha, akoresheje inyandiko, buri muntu uregwa hakurikijwe ibikubiye mu gika cya mbere (1) cy'iyi ingingo umubare w'amafaranaga agomba kwishyura. Ayo mafaranga ni nk'umwenda ugomba guhita wishyuzwa.

**Article 92: Surcharges**

Where upon an inquiry under article 89 or an inspection under articles 90 and 91 of this Law, it is found out that a members or former members of a Cooperative Organization or a past or present officer is convinced to have made unauthorized or unlawful payment or has by negligence or misconduct caused loss or failure to account or damage to the property of a Co-operative Organization, the General Assembly shall surcharge such person with the value of the loss or damage.

The Chairperson of the Board of Directors shall give notice in writing to every person surcharged under paragraph one (1) of this article pecifying the amount and basis of the surcharge. Such surcharges shall be a debt recoverable immediately.

**Article 92 : Remboursement**

Si, suite à une enquête menée conformément aux dispositions de l'article 89 ou une inspection menée aux termes des articles 90 et 91 de la présente loi, elle est convaincue qu'un membre ou un agent ancien ou actuel a effectué un paiement non autorisé ou illégal ou a, par négligence ou mauvais comportement, causé une perte ou un dommage au patrimoine de la coopérative, l'Assemblée Générale fait payer à cette personne la valeur de la perte occasionnée ou du dommage causé.

Le Président du Conseil d'Administration doit notifier, par écrit, à toute personne poursuivie des actes mentionnés au premier paragraphe du présent article du montant du remboursement. Ce montant constitue une dette qui doit être remboursée immédiatement.

**UMUTWE WA 6: IBARURAMARI,  
IBITABO BY'IBARURAMUTUNGO  
N'IGENZURA-MUTUNGO**

**Icyiciro cya mbere :**

**Umwaka w'ibaruramari, ibitabo  
n'inyandiko by'ibaruramari**

**Ingingo ya 93 : Umwaka w'ibaruramari**

Igihe fatizo cy'ibaruramari muri Koperative gitangira ku wa mbere Mutarama kikorangira ku wa 31 Ukuboza buri mwaka.

Igihe fatizo cy'ibaruramari ku mwaka wa mbere gitangira Koperative imaze kubona ubuzimagatozi kikorangira ku wa 31 Ukuboza k'uwo mwaka.

**Ingingo ya 94 : Ibitabo by'ibaruramari**

Buri Koperative igomba kugira ibitabo by'ibaruramari n'ibindi bitabo byandikwamo ibikorwa byose bya Koperative bifitanye isano n'ishoramari, amafaranga, imirimo n'umutungo byayo.

Koperative :

- 1° igenzura niba amafaranga yose yishyurwa ku buryo bwemewe kandi neza, kandi ko amafaranga yinjijye, ayasohotse, umutungo n'imyenda bigenzurwa bihagije ;

**CHAPTER 6:  
ACCOUNTS, RECORDS AND AUDIT**

**Section 1:**

**Financial year, books of accounts and records**

**Article 93: Financial year**

The financial year of a Cooperative Organization shall begin on 1 January and end on 31 December the same year.

The first financial year of a Cooperative Organization shall begin from the date of its registration and shall end on 31 December of the same year.

**Article 94: Books of accounts and records**

Every Cooperative Organization shall keep proper books of accounts and other books for the purpose of recording all transactions relating to its undertakings, funds, activities and properties.

A Cooperative Organization shall:

- 1° ensure that all payments are authorized and correctly made and that adequate control is maintained over its income, expenditure, assets and liabilities;

**CHAPITRE 6 :  
DES COMPTES, DOCUMENTS  
COMPTABLES ET AUDIT**

**Section première : De l'exercice financier, des livres de comptes et documents comptables**

**Article 93 : L'exercice financier**

L'exercice financier d'une société coopérative commence le 1<sup>er</sup> Janvier et se termine le 31 Décembre de la même année.

Le premier exercice financier d'une société coopérative commence à la date de son enregistrement et se termine le 31 Décembre de la même année.

**Article 94 : Les livres comptables**

Chaque Société Coopérative doit tenir correctement ses livres de compte et autres livres dans le but d'enregistrer toutes les transactions relatives à ses opérations, ses fonds, ses activités et son patrimoine.

Une société coopérative doit :

- 1° s'assurer que tous les paiements sont autorisés et faits correctement et qu'un contrôle adéquat est fait sur ses revenus, ses dépenses, son actif et son passif ;



2° igira ibitabo by'ibaruramari n'ibitabo by'umutungo byerekana umutungo nyakuri wa Koperative, ku buryo umugenzuzi uhoroaho wa Koperative cyangwa undi uturutse hanze ashobora kubigeraho mu gihe kitarambiranye;

3° ikora ku buryo ibitabo byerekana imicungire y'imari ku mwaka byandikwa neza kandi bikagenzurwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko shingiro ya Koperative.

Uretse igihe hari andi mabwiriza y'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative, Koperative ifungura kandi igacunga konti imwe cyangwa nyinshi zakira amafaranga yose yinjira kandi babikuzaho amafaranga yose yo kwishyura.

Amategeko ngengamikorere ya Koperative akena umubare w'amafaranga ntarengwa Koperative ishobora kubika mu isanduku ngo akoresheye ku bintu byihutirwa bya buri muni.

Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze ashiraho icyitegererezo cy'ibitabo bikoreshwa mu ibaruramari rya Koperative ashingiyeye ku ibaruramari rusange ry'Igihugu.

2° keep accounts and records in such manner that truly reflects the financial status of the Cooperative Organization so that the internal auditor or the external auditor can have access to them at any time;

3° ensure that all accounts in respect of a financial year are drawn up and audited in accordance with the provisions of this Law and its Bylaws.

Subject to such directives as may be issued by the Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations, a Cooperative Organization shall open and maintain one or more accounts into which all money received by it shall be paid and all payments required to be made shall be paid.

The Internal regulations of a Cooperative Organization shall specify the maximum amount that may be kept by the Cooperative Organization in the form of petty cash.

The Minister in charge of Cooperatives shall inform Cooperative Organizations the appropriate books of accounts to be kept to meet national accounting standards.

2° tenir les comptes et les documents qui reflètent réellement la situation financière de la coopérative de façon à ce que le contrôleur interne ou l'auditeur puissent y avoir accès en temps raisonnable ;

3° s'assurer que tous les comptes de l'année comptable sont faits et audités conformément aux dispositions de la présente Loi et à ses Statuts.

Sous réserve des directives que l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives peut édicter, une société coopérative ouvre et maintient un ou plusieurs comptes dans lesquels tout l'argent reçu doit être versé et desquels tous les paiements nécessaires doivent être effectués.

Le règlement d'ordre intérieur fixe le montant maximum que la Société Coopérative peut garder sous forme de petite caisse.

Le Ministre en charge des Coopératives établit les modèles des livres à utiliser dans la comptabilité de la coopérative en conformité avec les exigences de la comptabilité nationale générale.

**Icyiciro cya 2 : Igenzura ry'ibitabo by'ibaruramari**

**Ingingo ya 95 : Ibisabwa Umugenzuzi w'umutungo**

Nta muntu ukora ubugenzuzi bw'umutungo wa Koperative, cyangwa ngo akore raporo y'ubugenzuzi bwa Koperative iyo:

- 1° yabaye umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya Koperative, umucungamutungo cyangwa umukozi w'iyo Koperative muri uwo mwaka ukorerwa igenzurwa cyangwa mu mwaka uwubanziriza ;
- 2° ari uwashakanye cyangwa umukozi w'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa uw'umukozi w'iyo Koperative;
- 3° ari ushinze kwakira umutungo wa Koperative;
- 4° afitiye umwenda Koperative;
- 5° yirukanywe muri Koperative yari umunyamuryango wayo;
- 6° afite inyungu zigaragara izo arizo zose muri iyo Koperative.

**Section 2: Audit Books of Accounts**

**Article 95: Requirements for an auditor**

No person shall carry out an audit of a Cooperative Organization, or prepare an audit report if he/she:

- 1° has been one of the members of the Board of directors of the cooperative organization, a manager or an employee of the Cooperative Organization during the current year or the year preceding the current period;
- 2° is a spouse or an employee of one of the members of the board of directors or of an employee of the Cooperative Organization;
- 3° is a collector of the property of the Cooperative Organization;
- 4° owes a debt to the Cooperative Organization;
- 5° has been expelled as a member from the Cooperative Organization;
- 6° has any real interest in the Cooperative Organization;

**Section 2 : De l'Audit des Comptes**

**Article 95 : Conditions requises pour un Auditeur**

Personne ne peut faire un audit ou préparer un rapport d'audit concernant une coopérative si elle/il :

- 1° a été un des membres du Conseil d'Administration, gérant ou employé de la Société Coopérative pendant l'année à auditer ou l'année immédiatement précédente ;
- 2° est époux ou employé d'un membre du Conseil d'Administration ou d'un employé de la Société Coopérative ;
- 3° est receveur des biens de la coopérative
- 4° a une dette envers la société coopérative;
5. a été exclu de la Société Coopérative dont il est membre ;
6. a un quelconque intérêt manifeste dans la société coopérative.

**Ingingo ya 96: Ububasha n'inshingano by'Umugenzuzi w'umutungo**

Igihe icyo ari cyo cyose, umugenzuzi w'umutungo afite ububasha bwo kugenzura ibitabo by'ibaruramari na za konti za Koperative, inyandiko zerekana uko amafaranga yinjijye cyangwa yasohotse; n'izindi nyandiko za ngombwa Koperative itunze.

Igihe yumva akeneye ibisobanuro bya ngombwa kugira ngo ashobore gukora igenzura, umugenzuzi afite ububasha bwo kwaka ibyo bisobanuro uwo ari we wese mu bagize Inama y'Ubuyobozi, umukozi uwo ari we wese, harimo n'umugenzuzi uhoraho, kimwe n'umunyamuryango wa Koperative uwo ari we wese.

Igihe akora akazi k'igenzura, umugenzuzi yemerewe kureba uko umutungo wa Koperative wifashe ku bijyanye n'amafaranga, uko inzego zifata ibyemezo zikora, n'uko ibisabwa n'amategeko shingiro ya Koperative cyangwa izindi nyandiko za ngombwa byubahirizwa.

Iyo umugenzuzi atahuye ikibazo mu bitabo cyangwa mu mikorere ya Koperative, avuga ibyakorwa n'uko byakorwa kugira ngo icyo kibazo gikemuke.

Umugenzuzi watoranijwe ashyikiriza abanyamuryango ba Koperative raporo

**Article 96: Powers and Duties of an Auditor**

At any time, an auditor shall have access at all books and bank accounts of a Cooperative Organization, all vouchers in support of them and all relevant papers and records in the possession or control of a Cooperative Organization.

An auditor may require from any member of the Board of Directors, any officer including the internal auditor, any employee or any member of a Cooperative Organization, such information and explanations as may be necessary for the purpose of the audit.

An auditor shall, while auditing the accounts of a Cooperative Organization, access the financial status of the Cooperative Organization and the functioning of its decisions-making bodies; and the degree to which procedures set out in the By-laws or in any other relevant documents of the Cooperative Organization are being complied with.

Where the auditor finds any shortcoming in the books or in the procedures of the Cooperative Organization, he/she shall recommend such remedial actions and measures as he/she deems fit.

The appointed auditor shall submit the audited accounts and balance sheet to the members in a

**Article 96 :Pouvoirs et attributions d'un Auditeur**

A tout moment, un auditeur doit avoir accès, à tous les livres et comptes, à tous les facturiers, à tous les documents et écrits appartenant à la Société Coopérative.

Un auditeur peut demander à tout membre du Conseil d'Administration, à tout membre de la coopérative, à tout employé, y compris l'auditeur interne, toute information ou explication jugée nécessaire aux fins de l'audit.

Pendant qu'il fait l'audit des comptes d'une société coopérative, l'auditeur doit avoir accès aux états financiers et au fonctionnement des Organes de prise de décision et le degré du respect des procédures spécifiées dans les statuts ou dans tout autre document pertinent de la coopérative

Si l'auditeur trouve une anomalie dans les livres ou dans les procédures de la société coopérative, il recommande des actions et des mesures correctives qui s'imposent.

L'auditeur nommé soumet aux membres, lors d'une réunion de l'Assemblée Générale,

y'igenzura n'ifoto y'umutungo igihe bateraniye mu Nteko Rusange yatumijwe n'Inama y'Ubuyobozi nyuma y'amezi atatu umwaka w'ibaruramari urangiye.

Raporo y'umugenzuzi igomba kuba ikubiyemo uko abona imicungire ya Koperative: niba yaracunganywe ubushishozi cyangwa ntabwo, niba ibiteganywa n'iri tegeko byarakurikijwe cyangwa hari ibitakurikijwe. Avugamo kandi niba ibitabo by'ibaruramari byaranditswe neza bikanafatwa neza nk'uko amategeko mpuzamahanga abiteganywa.

Umugenzuzi afite uburenganzira bwo gukurikirana imirimo y' inama y'Inteko Rusange akanahabwa ijambo ku byerekeranye n'ibibazo by'akazi ashinzwe.

### **Ingingo ya 97 : Raporo y'Umugenzuzi w'umutungo**

Iyo Umugenzuzi arangije imirimo ye, ashidikiriza Perezida w'Inteko Rusange raporo mu nyandiko; agomba kandi muri icyo gihe kugenera kopi Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative

Raporo y'igenzura itangwa igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira :

- 1° Inyandiko isobanura niba umugenzuzi yarashyikirijwe ibitabo by'ibaruramari,

General Assembly meeting convened by the Board of Directors three months after the end of the accounting period.

The auditor's report shall include his opinion as to the management of the Cooperative Organization: whether or not the cooperative organization is wisely managed, whether provisions of this Law are respected or not. He or she shall also include whether the books of accounts have been kept and maintained in accordance with internationally recognized standards.

The auditor shall have the right to participate in the meeting of a General Assembly and to be heard on any issue related to his/her mandate.

### **Article 97: Audit Report**

In case the auditor completes his/her duties, he or she shall, in writing, submit the audit report to the Chairperson of the General Assembly and, at the same time, reserve copy to the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations.

The audit report submitted shall include the following:

- 1° a statement as to whether the auditor had

convoquée par le Conseil d'Administration, les comptes audités et le bilan, trois mois après la fin de la période comptable.

Le rapport de l'auditeur doit comprendre son avis sur la façon dont la coopérative a été gérée, tout en précisant si ses activités ont été menées avec discernement ou non et si les dispositions de la présente Loi ont été respectées, ou si certaines d'entre elles ne l'ont pas été. Il précise également si les livres comptables ont été tenus et gardés conformément aux standards internationaux.

L'auditeur a le droit d'assister à la réunion de l'Assemblée Générale et d'être entendu sur toute question en rapport avec son mandat.

### **Article 97 : Rapport d'Audit**

Lorsque l'Auditeur termine son travail, il remet un rapport écrit au Président de l'Assemblée Générale ; il doit, à cette occasion, réserver une copie à l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives.

Le rapport d'audit soumis doit comprendre :

- 1° une déclaration selon laquelle l'auditeur a pu avoir accès à tous les comptes, livres,

izindi nyandiko n'ibindi bya ngombwa bikenewe igihe yakoraga igenzura;

- 2° Inyandiko yerekana niba, uko umugenzuzi abibona, inyandiko zijyanye n'ibaruramari zarakozwe neza, kandi niba umugenzuzi uhoraho yarakoze akazi ke;
- 3° Inyandiko yerekana niba imibare yateguwe na Koperative ubwayo yerekana ishusho nyakuri kand idafite amakemwa y'umutungo wa Koperative.

#### **Ingingo ya 98: Imyitwarire y'Umugenzuzi w'umutungo**

Mu mirimo ye yo kugenzura, umugenzuzi n'undi muntu waba amufasha mu kazi ke bagomba kwita kuri ibi bikurikira:

- 1° gukorana ubwitonzi n'ubushishozi, bakitwararika kandi bakubahiriza amategeko agenga umwuga w'abagenzuzi;
- 2° kugira ibanga ku bintu byose byerekeye Koperative bamenye igihe bakoraga umurimo wabo w'igenzura;
- 3° kuryozwa, umwe ukwe cyangwa afatanije n'abandi, igihombo Koperative yagize cyangwa ibyononekaye kubera ibi bikurikira:

access to all accounts, books, records and relevant information required while carrying out the audit;

- 2° a statement as to whether, in the opinion of the auditor, proper accounting records have been kept and proper internal control systems maintained;
- 3° a statement as to whether the accounts prepared by the Cooperative Organization give a true and fair view of the affairs of the Cooperative Organization.

#### **Article 98: Auditor's Code of conduct**

In carrying out an audit, the auditor and any person assisting him/her shall:

- 1° exercise diligence and maintain the standards of the auditors' profession;
- 2° keep confidential all information on internal matters of the Cooperative Organization obtained during the exercise of his functions;
- 3° be individually or solely liable for any loss sustained or damage caused to the Cooperative Organization by:

rappports et toute information utile pour la réalisation de l'audit.

- 2° une déclaration selon laquelle, de l'avis de l'auditeur, les rapports comptables ont été bien tenus et les systèmes de contrôle interne bien sauvegardés.
- 3° une déclaration selon laquelle les comptes préparés par la société coopérative reflètent une image véritable et correcte des activités de la société coopérative ;

#### **Article 98 : Code de Conduite d'un Auditeur**

En effectuant l'audit, l'auditeur et toute personne qui l'assiste doivent :

- 1° travailler avec discernement, maintenir et observer les règles de la profession des auditeurs ;
- 2° garder confidentiellement les informations auxquelles ils ont eu accès durant l'exercice de leurs fonctions relativement aux affaires internes de la coopérative;
- 3° être solidairement ou individuellement responsable de toute perte encourue ou dommage causé par :

- a) uburangare bwabo mu kazi;
- b) kutita ku mategeko agenga umwuga w'abagenzuzi;
- c) kumena ibanga ku bushake ry'ibyo babonye cyangwa bamenye igihe bakoraga akazi kabo.

Aba akoze icyaha umugenzuzi cyangwa umufasha we mu kazi k'igenzura, uzakoresha ibyo yamenyeye mu kazi byerekeye Koperative, mu nyungu ze bwite cyangwa iz'undi muntu.

**UMUTWE WA 7:  
UKWISHYIRAHAMWE,  
UKWIGABANYAMO IBICE  
N'UKWIHINDURA  
KW'AMAKOPERATIVE**

**Icyiciro cya mbere : Ukwishyirahamwe kw'Amakoperative**

**Ingingo ya 99 : Ukwishyirahamwe**

Koperative ebyiri (2) cyangwa zirenga zishobora kwishyira hamwe, Inama Rusange zazo zibyemeje, zigakora Koperative imwe nshya nk'uko iri tegeko ribiteganywa.

- a) their negligence on duties;
- b) failure to meet the standards of the profession;
- c) wilfully disclosing of confidential information obtained during the audit exercise.

It shall be an offence an auditor or any person assisting him/her if information obtained during the audit for his/her personal advantage or for the advantage of a third person.

**CHAPTER 7:  
MERGER, BREAK-UP AND  
TRANSFORMATION OF COOPERATIVE  
ORGANIZATIONS**

**Section One:  
Merger of Cooperative Organizations**

**Article 99: Merger**

Any two (2) Cooperative Organizations or more may, by resolutions of their General Assembly meetings, resolve to merge as a single new Cooperative Organization, as provided under this Law.

- a) la négligence dans l'exercice de leurs fonctions,
- b) le défaut de respect des standards de la profession ;
- c) la divulgation volontaire des informations confidentielles obtenues durant l'audit.

Commet une infraction, l'auditeur ou toute personne qui l'assiste dans le travail d'audit, qui, à ses propres fins ou aux fins, un tiers, utilise les informations relatives aux affaires internes d'une coopérative obtenues durant l'audit.

**CHAPITRE 7 :  
DE LA FUSION, DE LA SCISSION, ET DE  
LA TRANSFORMATION DES SOCIETES  
COOPERATIVES**

**Section première :  
De la fusion des Sociétés Coopératives**

**Article 99: Fusion**

Deux (2) ou plusieurs sociétés coopératives peuvent, par une résolution de leurs Assemblées Générales, décider de fusionner en une seule société coopérative conformément aux dispositions de la présente Loi.

Kopi y'icyo cyemezo cyo gukora Koperative imwe nshya yohererezwa abanyamuryango bose, abantu bose buri Koperative ibereyemo umwenda n'abandi bantu bose icyo cyemezo kigiraho ingaruka.

**Ingingo ya 100: Kutifuza kuba umunyamuryango wa Koperative nshya**

Bitabangamiye amategeko shingiro ya Koperative, umunyamuryango wa Koperative uwo ari we wese, ashobora kumenyesha Koperative yari asanzwe abereye umunyamuryango, icyifuzo cye cyo kutaba umunyamuryango wa Koperative nshya, akabikora yanditse kandi bitarenze ukwezi kumwe nyuma yaho Inteko Rusange ya Koperative ifatiye icyemezo cyo kwishyira hamwe n'indi Koperative. Icyo gihe, iri tegeko ryemerera bene uwo munyamuryango ko yasubizwa umugabane we wari muri Koperative yari abereye umunyamuryango.

Umuntu uwo ariwe wese imwe muri za Koperative zishyize hamwe ibereyemo umwenda, afite uburenganzira bwo kwishyurwa amafaranga ye iyo abisabye akoresheje inyandiko mu gihe cy'ukwezi kumwe mbere y'uko kwishyirahamwe.

A copy of the resolution to merge in a new single Cooperative Organization shall be sent to all the members and creditors of each merging Organization and to all other persons affected by the merger.

**Article 100: Right of not becoming a member of the merged Cooperative Organization**

Subject to by-law of the Cooperative Organization, any member of the cooperative organization may, by written notice, inform the Cooperative Organization in which he or she was a member his or her intention not to become a member of the new Cooperative Organization within one month after the General Assembly has taken the decision to merge it with another Cooperative Organization.

At that time, such a member shall be entitled, by this Law, to a refund of his/her share in the Cooperative Organization in which he or she was a member.

Any creditor of any of the merging Cooperative Organizations shall be entitled to a refund of any sum due to him/her if he/she makes a written request to this effect within one month before the date fixed for the merging.

Une copie de la résolution relative à cette fusion doit être envoyée à tous les membres et à tous les créanciers de chaque société coopérative ainsi qu'à toutes les personnes affectées par la fusion.

**Article 100 : Droit de ne pas devenir membre de la nouvelle société coopérative**

Sous réserve des dispositions des statuts de la société coopérative, tout membre d'une société coopérative en fusion peut, par notification écrite adressée à sa coopérative au plus tard un mois après la date de la décision de l'Assemblée Générale de fusionner avec une autre coopérative, exprimer son intention de ne pas devenir membre de la nouvelle société coopérative.

Un tel membre doit, conformément à la présente loi, recevoir, de sa coopérative, le remboursement de sa part sociale.

Tout créancier de n'importe quelle société coopérative en fusion peut réclamer le remboursement de toute somme lui due s'il en fait une demande écrite dans le mois précédant la date fixée pour la fusion.

**Ingingo ya 101: Imitungo n’Imyenda by’Amakoperative yishyize hamwe**

Imitungo y’Amakoperative yishyize hamwe n’imyenda zari zifite bifatwa na Koperative nshya.

**Ingingo ya 102: icyemezo cy’ubuzimagatozi cya Koperative zishyize hamwe**

Icyemezo giha ubuzimagatozi Koperative nshya ni nacyo gikuraho ubuzimagatozi bw’amakoperative yishyize hamwe. icyo cyemezo gitangwa hubahirijwe ibiteganywa muri iri tegeko

Mu gihe cyo kubona ubuzimagatozi kuri Koperative nshya, buri Koperative yishyize hamwe n’izindi isabwa gusubiza ubuzimagatozi yari yarahawe hanyuma igaseswa, bitarenze amezi atatu nyuma y’uko icyemezo cyo kwishyira hamwe n’izindi gifashwe.

**Icyiciro cya 2:**

**Ukwigabanyamo ibice kwa Koperative n’inkurikizi yabyo**

**Ingingo ya 103: Ukwigabanyamo ibice kwa Koperative**

Koperative isanzweho ishobora gufata

**Article 101: Assets and liabilities of the merged Cooperative Organizations**

The assets and liabilities of the merging Cooperative Organizations shall be taken over by the new merged Cooperative Organization.

**Article 102: Registration certificate of the merged Cooperative Organizations**

The certificate of legal personality of the Cooperative Organization, shall at the same time merged nullify the legal personality of the merged Cooperative Organizations. The certificate shall be issued in conformity with provisions of this law.

During the acquisition of legal personality by the new Cooperative Organization, every cooperative organization which merged with others shall be obliged to return the registration certificate it had acquired within three months after the decision to merge the cooperative organization.

**Section 2:**

**Break-up of Cooperative Organizations and related consequences**

**Article 103: Break-up of Cooperative Organizations**

An existing Cooperative Organization may resolve

**Article 101: Actifs et le passifs des sociétés coopératives fusionnées**

L’actif et le passif des sociétés coopératives fusionnées sont repris par la nouvelle société coopérative.

**Article 102 : Acte d’enregistrement accordant la personnalité juridique à la société coopérative née de la fusion**

L’acte d’enregistrement accordant la personnalité juridique à la nouvelle Société Coopérative annule la personnalité juridique des coopératives fusionnées. Cet acte est délivré en conformité avec les dispositions de la présente loi.

Au moment de l’obtention de la personnalité juridique par la nouvelle société coopérative résultant de la fusion, l’acte d’enregistrement de chaque coopérative en fusion doit être annulé et la coopérative dissoute et ce, endéans trois mois après que la décision de fusion ait été prise.

**Section 2 :**

**De la scission des sociétés coopératives et de ses conséquences**

**Article 103 : Scission des sociétés coopératives**

Une société coopérative existante peut décider



icyemezo cyo kwigabanyamo amakoperative abiri (2) cyangwa menshi mashya. icyemezo cy'Inama Rusange ya Koperative yari isanzweho cyo kwibaruka amakoperative mashya cyerekana uko umutungo n'imyenda bya Koperative isanzweho bigabanywa amakoperative mashya, aho buri Koperative nshya izakorera n'icyo izakora, n'abanyamuryango ba buri Koperative nshya.

**Ingingo ya 104: Imenyekanisha ryo kwicamo ibice**

Kopi y' icyemezo cy'Inama Rusange ya Koperative yari isanzweho cyo kwibaruka amakoperative mashya yohererezwa abanyamuryango, abantu bose Koperative isanzwe ibereyemo imyenda n'abandi bantu bose barebwa n'icyo cyemezo.

**Ingingo ya 105: Kureka kuba umunyamuryango no gusubizwa umugabane igihe Koperative yacitsemu ibice**

Bitabangamiye amategeko rusange agenga Koperative, umunyamuryango uwo ari we wese wa Koperative ashobora, mu gihe cy'ukwezi kumwe Koperative yari asanzwemo ifashe icyemezo cyo kwigabanyamo amakoperative mashya, kumenyesha ku buryo bwanditse icyifuzo cye cyo kutaba umunyamuryango w'imwe mu maKoperative mashya. Uwo munyamuryango afite uburengazira bwo gusubizwa umugabane we na Koperative yari isanzweho.

to break itself into two (2) or more new Cooperative Organizations. A General Assembly meeting resolution of the existing Cooperative Organization to that effect shall specify proposals for the division of the assets and liabilities among the new Organizations, area of operations and members who will constitute each of the new Organizations.

**Article 104: Cooperative Organization's Break up information**

A copy of the resolution of the existing Cooperative Organization to break into new Cooperative Organizations shall be sent to all its members and creditors and to all other persons whose interest will be affected by the break up of the existing Cooperative Organization.

**Article 105: Decision of withdrawing from a broken up Cooperative organization and share refund**

Notwithstanding the by-laws of a Cooperative Organization, any member of a cooperative organization may, by notice in writing, within one month after the date the decision of breaking up is taken, declare his/her intention not to be part of one of the new Cooperative Organizations. Such a member shall be entitled to a refund of his/her share by the existing Cooperative Organization.

de se scinder en deux (2) ou plusieurs sociétés coopératives nouvelles. La décision de l'Assemblée Générale de la Société Coopérative existante portant sur sa scission en coopératives nouvelles énoncera les modalités de partage de l'actif et du passif entre les nouvelles sociétés coopératives, de leurs champs d'opération et les membres qui composent chacune des nouvelles sociétés.

**Article 104 : Information sur la décision de scission d'une Société Coopérative**

Une copie de la décision de scission prise par l'Assemblée Générale doit être envoyée à tous les membres et à tous les créanciers de la société coopérative existante et à toute autre personne dont les intérêts sont affectés par la scission.

**Article 105 : Cessaation d'être membre d'une société coopérative scindée et remboursement des parts sociales**

Tout membre d'une société coopérative peut, nonobstant les dispositions des statuts de la coopérative, par notification écrite adressée à sa société coopérative en scission, dans le mois qui suit la date de décision de la scission, exprimer son intention de ne pas devenir membre de l'une des nouvelles sociétés coopératives. Il a le droit de recevoir remboursement de ses parts sociales par la société coopérative existante.

**Ingingo ya 106: Kwita ku nyungu z'abakoranye na Koperative yagabanyijwemo ibice**

Igihe cyo gutanga ubuzimagatozi kuri Koperative nshya, Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rureba niba inyungu z'abo Koperative ibereyemo imyenda, iz'abanyamuryango n'iz'abandi babifitemo inyungu zaritaweho.

Iyo rusanze izo nyungu zaritaweho, Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative ruhita ruha Koperative nshya ubuzimagatozi no kwambura Koperative isanzweho ubuzimagatozi bwayo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**Icyiciro cya 3: Ukwihindura kwa Koperative**

**Ingingo ya 107: Ukwihindura**

Koperative ishaka guhindukamo ikindi kigo kitari Koperative ihamagaza Inama y'Inteko Rusange igaterana ari uko bitatu bya kane ( $\frac{3}{4}$ ) by'amanyamuryango bayo bemewe kandi bafite ububasha bwo gutora bayitabiriye maze bakabyemeza. Icyo cyemezo kimenyeshwa Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherek'umunsi cyafatiweho.

**Article 106: Protection of interests of Partners of a broken up cooperative organization**

At the time of issuing registration certificates to new Cooperative Organizations, the Organ in charge of the development of Cooperative Organizations shall check if the interests of the creditors, members and other interested parties are taken care of.

When it is satisfied that those interests are taken care of, the Organ in charge of the development of Cooperatives Organization shall immediately issue registration certificates to new Cooperative Organizations and shall cancel the certificate of the existing Organization according to the provisions of this law.

**Section 3: Transformation of a Cooperative Organization**

**Article 107: Transformation**

A Cooperative Organization that intends to transform itself into an Organization other than a cooperative organization shall convene a General Assembly meeting where a three quarters ( $\frac{3}{4}$ ) majority of registered members attending and voting shall resolve on the matter. The decision to transform a Cooperative Organization shall be communicated to the Authority in charge of the development of the Cooperative Organizations within fifteen (15) days from the date it is taken.

**Article 106 : Sauvegarde des intérêts des partenaires d'une société coopérative**

Au moment de l'enregistrement de nouvelles sociétés coopératives, l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives vérifie que les intérêts des créanciers, des membres, et des autres parties intéressées sont sauvegardés.

Au cas où il trouve que ces intérêts sont sauvegardés, l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives accorde la personnalité juridique aux nouvelles sociétés coopératives et annule l'enregistrement de la coopérative existante en conformité avec les dispositions de la présente loi.

**Section 3 : De la Transformation d'une Société Coopérative**

**Article 107 : Transformation**

Une société coopérative qui a l'intention de se transformer en une société autre qu'une coopérative convoque l'Assemblée Générale qui se réunit, à condition qu'une majorité des trois quarts ( $\frac{3}{4}$ ) des membres enregistrés, votant soit présente pour décider. Cette décision est portée à la connaissance de l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à dater de son adoption.

Koperative yafashe icyemezo cyo guhindukamo ikindi kitari Koperative bitewe n'impamvu iyo ariyo yose ihita ako kanya irekeraho gukoresha izina “**Koperative**” kandi igatangaza amategeko mashya yayo ayigenga mu Igazeti ya Leta. Igenzurwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga urwego rushya yagiyemo.

**Ingingo ya 108: Kureka kuba umunyamuryango w'ikigo gishya, gusubizwa umugabane no kuvanaho ubuzimagatozi bwa Koperative yahindutse.**

Bitabangamiye amategeko shingiro agenga Koperative, umunyamuryango uwo ari we wese ashobora kumenyesha, ku buryo bwanditse, icyifuzo cye cyo kutaba umunyamuryango w'icyo kigo gishya, nyuma y'ukwezi kumwe Inama Rusange imaze gufata icyemezo cyo guhinduramo Koperative ikindi kigo kitari Koperative. Uwo munyamuryango afite uburengazira bwo gusubizwa umugabane we n'iyi Koperative yahindutsemo ikindi kigo, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Iyo rusanze inyungu z'abo Koperative ibereyemo imyenda, iz'abanyamuryango, n'iz'abandi bafite inyungu muri iyi Koperative yahindutsemo ikindi kigo zitaweho, Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative ruhita ruvanaho ubuzimagatozi bw'iyi Koperative yahindutsemo ikindi kigo.

A Cooperative Organization that transforms itself into a non-Cooperative Organization due to any reason, shall stop with immediate effect using the name “**Cooperative**” and shall cause its new by-laws be published in the Official Gazette. It shall be supervised under the relevant existing rules and regulations.

**Article 108: Cessation of membership of a new organization, refund of share and cancellation of certificate of registration of the transformed cooperative.**

Notwithstanding the By-laws of a Cooperative Organization, any member of the Cooperative Organization may, by notice in writing addressed to his/her Cooperative Organization one month after the decision of transformation is taken by the General Assembly, declare his/her intention not to be a member of a new enterprise. Such a member shall, subject to this Law, be entitled to a refund of his/her share.

If it is satisfied that the interest of the creditors, members and other interested parties are taken care of, the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations shall immediately nullify the legal personality of the existing Cooperative Organization that was transformed into a new enterprise.

La Société qui a cessé d'être une coopérative pour quelque motif que ce soit doit immédiatement cesser d'utiliser le nom « **Coopérative** » et publier ses nouveaux statuts dans le Journal Officiel. Elle doit se conformer aux règles et procédures régissant son nouveau statut.

**Article 108 : Cessation d'être membre d'une nouvelle organisation, remboursement des parts sociales et annulation du certificat d'enregistrement de la coopérative transformée.**

Sous réserve des dispositions des statuts, tout membre d'une société coopérative peut, par notification écrite adressée à sa société coopérative dans le mois qui suit la décision de transformation par l'Assemblée Générale, exprimer son intention de ne pas devenir membre de la nouvelle entreprise créée et doit, conformément à la présente loi, recevoir remboursement de sa part sociale.

Si l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives est convaincu que les intérêts des créanciers, des membres et d'autres personnes intéressées sont sauvegardés, il doit immédiatement procéder à l'annulation de l'acte d'enregistrement de la société coopérative transformée en une nouvelle entreprise.

**UMUTWE WA 8:  
ISESWA RYA KOPERATIVE,  
IYEGERANYA N'IGABAGABANYA  
RY'UMUTUNGO WAYO**

**Icyiciro cya mbere: Iseswa n'uko rikorwa**

**Ingingo ya 109: Iseswa n'impamvu z'iseswa rya Koperative**

Koperative ishobora guseswa kandi umutungo wayo ukegeranywa ukagabanywa mu byiciro biteganywa mu mategeko rusange y'isesa iyo Inama Rusange idasanzwe ibyemeje ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'amajwi y'abanyamuryango bemewe, bafite ububasha bwo gutora kandi bitabiriye inama.

Koperative ishobora kandi guseswa umutungo wayo ukegeranywa ukagabanywa byemejwe n'Urukiko rubifitye ububasha, bisabwe n'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative.

Koperative igomba guseswa bitewe n'impamvu zikurikira:

- 1° iyo igihe yateganyaga kumara cyarangiyey;
- 2° iyo yahombye;
- 3° iyo ihagaritse imirimo yayo byibura imyaka ibiri ikurikiranye;

**CHAPTER 8:  
DISSOLUTION AND LIQUIDATION OF A  
COOPERATIVE ORGANIZATION.**

**Section one: Dissolution and procedures**

**Article 109: Dissolution and reasons for dissolution**

A Cooperative Organization may be dissolved and liquidated in phases provided for in the general statutes relating to liquidation, based on the decision of an extraordinary General Assembly, taken by a majority of three quarters (3/4) of the registered members of the Cooperative Organization who are eligible to vote and present at the meeting.

The cooperative organization may also be dissolved and liquidated on the decision of the Court of competent jurisdiction at the request of the Organ in charge of the the development of Cooperatives Organizations.

A Cooperative Organization shall be dissolved in case of the following events:

- 1° expiration of the duration for which it had been created;
- 2° bankruptcy;
- 3° inactivity or dormancy for a period of at least two consecutive years;

**CHAPITRE 8 :  
DE LA DISSOLUTION ET DE LA  
LIQUIDATION D'UNE SOCIETE  
COOPERATIVE**

**Section première : De la Dissolution et de la procédure**

**Article 109 : Dissolution et cas pouvant entraîner la dissolution.**

Une société coopérative peut être dissoute et liquidée suivant les procédures prévues dans ses statuts en matière de liquidation sur une décision prise à la majorité des trois quarts (3/4) par une Assemblée Générale Extraordinaire des membres effectifs présents et votant.

Une société coopérative peut également être dissoute et liquidée par une décision d'un Tribunal compétent, sur demande de l'Organe chargé du développement des Sociétés coopératives.

Une société coopérative sera dissoute dans les cas suivants :

- 1° expiration de la durée pour laquelle elle avait été créée ;
- 2° cessation des paiements ou faillite ;
- 3° cessation de ses activités pendant une période de deux années successives, au moins ;

4° iyo abanyamuryango batageze kuri barindwi (7);

5° iyo imari shingiro igabanutseho 50 % by'agaciro kayo kandi abanyamuryango batemeye kuyongera.

4° membership falling below seven (7) persons;

5° reduction of fifty percent (50 %) of Share capital and when members have decided not to increase it.

4° si elle est composée de moins de sept (7) personnes ;

5° réduction de cinquante pour cent (50%) de son capital social et refus des membres d'augmenter ce capital.

Urufu no kuba umwe mu banyamuryango ba Koperative yarahombye ntibishobora gutuma Koperative iseswa.

Death and bankruptcy of one of the Cooperative Organization members shall not cause the dissolution of a Cooperative Organization.

La mort ou la faillite d'un des membres d'une société coopérative n'entraîne pas la dissolution de celle-ci.

#### **Ingingo ya 110: Imenyekanisha ry'icyemezo cyo gusesa Koperative**

#### **Article 110: Notification of decision on a Cooperative's liquidation process**

#### **Article 110 : Notification de la résolution de liquidation d'une société coopérative**

Icyemezo cy'Inama rusange cyo gusesa Koperative kimenyeshwa Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Kigomba kugaragaza umuntu ushinzwe isesa ry'iyi Koperative kandi kigashyiraho Komite y'abanyamuryango ishinzwe gukurikirana iseswa rya Koperative. Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative ruhita rwaka iyi Koperative ubuzimagatozi.

The decision of the General Assembly to dissolve a Cooperative Organization shall be notified to the Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations within fifteen (15) days from the date it is taken. It shall mention the name of the liquidator and the liquidation committee members. The Organ in charge of the development of the Cooperatives Organizations shall immediately cancel the registration certificate of the dissolving Cooperative Organization.

L'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives doit être informé de la résolution de dissolution de la coopérative prise par l'Assemblée Générale, dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours. Cette résolution indique la personne chargée de la liquidation de la coopérative et met en place une Commission de liquidation, composée de membres de la coopérative. L'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives procède immédiatement à l'annulation de l'acte d'enregistrement de la coopérative et de sa personnalité juridique.

Koperative yatswe ubuzimagatozi ireka gukomeza gukora nka Koperative guhera ku itariki Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative rwafatiyeho icyemezo cyo kuyibwambura.

The Cooperative Organization whose legal personality is cancelled shall cease to operate as a cooperative organization with effect from the date of the cancellation.

La coopérative dont la personnalité juridique est retirée cesse ainsi d'exister et de fonctionner comme coopérative à partir de la date à laquelle l'Organe chargé du développement des sociétés coopératives a pris la décision de retrait.

**Icyiciro cya 2: Kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative.**

**Ingingo ya 111: Ishyirwaho ry’ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative.**

Inteko Rusange ya Koperative iri mu guseswa igomba gushyiraho umuntu ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative. Iyo icyemezo cyo gusesa cyafashwe, umutungo wa Koperative ushyirwa mu maboko ye akawucunga guhera ku itariki yaboneyeho icyemezo kimushyiraho.

Iyo Koperative yasheshwe n’icyemezo cy’Urukiko rubifitiye ububasha bisabwe n’Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative, urwo Rukiko cyangwa urwo rwego, cyangwa izo nzego zombi zifataniye nizo zishyiraho ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative.

**Ingingo ya 112: Ibisabwa ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative.**

Nta muntu ushingwa kwegeranya no kugabanya umutungo wa Koperative atari Umugenzuzi w’imari cyangwa Umucungamari babifitiye ubumenyi.

**Section 2: Liquidation**

**Article 111: Appointment of a Liquidator**

The General Assembly of the dissolving Cooperative Organization shall appoint a liquidator. When a decision is made to dissolve and liquidate a Cooperative Organization, all the property of such Organization shall vest in the liquidator from the date upon which the order of appointment of liquidator(s) takes effect.

When a Cooperative Organization has been dissolved by a Court of competent jurisdiction at the request of Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations, the Court and/or the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations shall appoint a liquidator.

**Article 112: Requirements for a liquidator**

No person shall be appointed as liquidator unless he/she is a qualified auditor or accountant.

**Section 2 : De la Liquidation**

**Article 111 : Nomination d’un Liquidateur**

L’Assemblée Générale de la société coopérative en dissolution nomme obligatoirement un ou plusieurs liquidateur(s) qui veillent sur le patrimoine de la coopérative. Dès la date de sa nomination, le liquidateur doit prendre le contrôle du patrimoine de la coopérative dont il assure la gestion.

Quand la liquidation a été décidée par le Tribunal compétent à la demande de l’Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives, le Tribunal et/ou l’Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives doit nommer le(s) liquidateur(s).

**Article 112 : Conditions requise pour être liquidateur**

Personne ne peut être nommé « liquidateur » s’il n’est pas un « **auditeur** » ou un « **comptable** » qualifiés.

**Ingingo ya 113: Ububasha n'inshingano z'ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative.**

Umuntu washinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative ahita:

- 1° ashyira mu maboko ye umutungo wose wa Koperative, n'ibitabo byayo byose n'izindi nyandiko zifitanye isano n'imicungire yayo;
- 2° afata ingamba zose yumva ari ngombwa zatuma umutungo wa Koperative udahungabana cyangwa ngo wangirike.

Bitabangamiye ibiteganwa n'itegeko ryerekeye iyegeranywa n'igabagabanywa ry'umutungo w'ibigo by'ubucuruzi byahombye, ububasha n'inshingano z'ushinzwe iyegeranywa n'igabagabanywa ry'umutungo wa Koperative bikubiyemo ibi bikurikira :

- 1° gukomeza gutunganya imirimo yakorwaga na Koperative igihe cyose biri ngombwa kugira ngo iyegeranya n'igabagabanywa ry'umutungo wa Koperative rikorwe neza;
- 2° gushyira mu maboko ye ibitabo, inyandiko n'umutungo bya Koperative;
- 3° gusaranganya umutungo wa Koperative ku buryo bubereye, igihe gahunda y'iryo saranganya yemejwe na Komite ishinzwe gukurikirana iseswa rya Koperative, abanyamuryango ndetse n'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative;

**Article 113: Liquidator's Powers and Duties**

A liquidator shall, on appointment:

- 1° take immediate control of all the assets of the Cooperative Organization and of all books, records and other documents pertaining to its business;
- 2° take such steps as he/she thinks necessary to prevent loss or damage to the assets.

Subject to the provisions of the law governing the liquidation of bankrupt commercial companies, the powers and duties of a liquidator shall include and not limited to:

- 1° carry on the business of the Organization as far as may be necessary for the proper liquidation of the affairs of the Cooperative Organization;
- 2° take possession of the books, documents and assets of the Cooperative Organization;
- 3° arrange for the distribution of the assets of the Organization in a convenient manner when a scheme of distribution has been approved by the liquidation committee, the members and the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations;

**Article 113: Pouvoirs et obligations d'un Liquidateur**

Dès sa nomination, le liquidateur doit :

- 1° prendre le contrôle du patrimoine de la coopérative et de tous les livres, registres et autres documents relatifs à la gestion de la coopérative ;
- 2° faire tout ce qu'il juge nécessaire pour prévenir la perte, la détérioration des actifs de la coopérative.

Sans préjudice aux dispositions de la Loi régissant la liquidation des sociétés commerciales, les pouvoirs et les fonctions d'un liquidateur comprennent notamment :

- 1° poursuivre les activités de la coopérative aussi longtemps qu'il est nécessaire de procéder à la liquidation de cette société ;
- 2° prendre possession des livres, documents et biens de la coopérative;
- 3° procéder à des arrangements en vue du partage approprié des biens de la société coopérative dès lors qu'un plan de partage ait été approuvé par la Commission de liquidation, les membres et l'Organe chargé du développement des Sociétés coopératives ;

- |   |  |  |
|---|--|--|
| <p>4° gushyiraho igihe ntarengwa abo Koperative ibereyemo imyenda bakaba batarandikisha ibibazo byabo mu bitabo bya Koperative, bagomba kuba batanzeho ibyifuzo byabo kugira ngo imyenda yabo isuzumwe, yemerwe cyangwa ivanwe ku rutonde rw'igomba kurihwa;</p>  | <p>4° fix a deadline in the prescribed manner before which the creditors whose claims are not already recorded in the books of the Cooperative Organization to forward their claims for admission or be excluded from the distribution list;</p>   | <p>4° fixer le délai endéans lequel les créanciers dont les réclamations ne sont pas déjà enregistrées dans les registres de la coopérative pour qu'elles soient incluses ou exclues du plan de distribution des avoirs de la coopérative;</p>   |
| <p>5° iyo ari ngombwa, gushyiraho umwunganizi mu by'amategeko wo kumufasha mu kurangiza inshingano ze ariko bikabanza bikemezwa n'Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative;</p>   | <p>5° appoint an advocate, if necessary, subject to the approval of the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations to assist him/her in the performance of his duties;</p>  | <p>5° si nécessaire, désigner un avocat, après approbation par l'Organe chargé du développement des Sociétés coopératives, en vue de l'assister dans l'accomplissement de ses fonctions ;</p>  |
| <p>6° gutanga ibirego mu nkiko no gukora ibindi byose bijyanye n'amategeko mu izina rya Koperative;</p>   | <p>6° institute and defend suits and other legal proceedings by, or on behalf of the Cooperative Organization;</p>   | <p>6° engager des poursuites judiciaires et autres procédures légales au nom de la société coopérative ;</p>   |
| <p>7° gusuzuma ibyo abantu bashaka kuryoza Koperative byose no kugena uko ibyo bibazo bizakurikirana mu kwitabwaho;</p>   | <p>7° investigate all claims against the Cooperative Organization and decide on the priority arising between the claimants;</p>  | <p>7° examiner toutes les réclamations faites contre la coopérative et arrêter l'ordre de priorité des réclamations;</p>   |
| <p>8° kwishyura abishyura Koperative, harimo n'inyungu zihagarara ku muni w'iseswa rya Koperative, hakurikijwe urutonde rw'ibigomba kwitabwaho gusumba ibindi, niba urwo rutonde ruhari. Abishyurwa babona ibyo bishyura byose cyangwa igice cyabyo hakurikijwe ubushobozi buva ku mutungo wa Koperative;</p> | <p>8° pay claims against the Cooperative Organization, including interest payable, up to the date of liquidation of the cooperative organization in accordance with respective priorities, if any. The claims shall be satisfied in full or to such extent as the assets of the Cooperative Organization may permit;</p> | <p>8° désintéresser les réclamations contre la coopérative, y compris les intérêts dus jusqu'à la date de la liquidation et suivant les priorités respectives s'il y en a. Le montant des réclamations peut être payable en totalité ou en partie en tenant compte des avoirs de la société coopérative;</p> |
| <p>9° kugeza ibibazo birimo impaka ku rwego rwagenewe kuzikemura;</p>   | <p>9° refer disputes to the arbitration mechanism;</p>   | <p>9° soumettre les litiges au mécanisme d'arbitrage ;</p>   |



- |  |   |   |
|--|---|---|
| <p>10° gufatanya na komite ishinzwe gukurikirana iseswa rya Koperative mu gufungura no gukoresha konti ijyanye n'ikibazo cy'iyegeranya n'igabagabanywa ry'umutungo wa Koperative;</p> <p>11° gutumiza, igihe cyose bibaye ngombwa, inama y'Inteko Rusange y'abanyamuryango cyangwa inama z'abo Koperative ibereyemo imyenda kugira ngo iyegeranywa n'isaranganywa ry'umutungo wa Koperative bigende neza;</p> <p>12° kumenya no kugenzura umunyamuryango wa Koperative, uwahoze ari umunyamuryango cyangwa uhagarariye umunyamuryango wapfuye;</p> <p>13° kumenya imyenda abanyamuryango babereyemo Koperative, no gukora ku buryo yishyurwa;</p> <p>14° gukora ibindi byose bya ngombwa kugira ngo imirimo yo gufunga Koperative no gusaranganya umutungo wayo irangire neza.</p> | <p>10° open and operate a liquidation account in conjunction with the liquidation committee;</p> <p>11° call the General Assembly meetings of members or such meetings of creditors as may be necessary for the proper conduct of the liquidation;</p> <p>12° identify and verify whether any person is a member, former member or a representative of a deceased member of a Cooperative Organization;</p> <p>13° determine the debts due by members to the Cooperative Organization and ensure their collection;</p> <p>14° carry out any other functions as may be necessary for winding up of the Cooperative Organization and distribution of its assets.</p> <p>Where an appeal is made against an order to dissolve and liquidate a Cooperative Organization, all proceedings under the order shall be stayed until the appeal is determined. Meanwhile, the assets of the Cooperative Organization shall remain vested under the control of the liquidator.</p> | <p>10° ouvrir et utiliser un compte de liquidation de commun accord avec la Commission de liquidation;</p> <p>11° convoquer les réunions de l'Assemblée Générale des membres ou les réunions des créanciers autant de fois que de besoin pour une meilleure conduite de la liquidation ;</p> <p>12° identifier et vérifier un membre, un ancien membre ou un représentant d'un membre décédé ;</p> <p>13° arrêter les dettes dues par des membres de la société coopérative et en assurer le recouvrement ;</p> <p>14° accomplir toute autre tâche jugée nécessaire à la liquidation de la coopérative et au partage de ses biens.</p> <p>Quand il est fait appel contre un ordre de clôture des activités d'une coopérative, toutes les procédures en cours suite à cet ordre sont suspendues jusqu'à ce que l'appel ait été examiné ; et le patrimoine reste sous le contrôle du liquidateur.</p> |
|--|---|---|

Iyo hari ujuririye icyemezo cyo guhagarika ibikorwa bya Koperative, imihango yose ijyanye no kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative irahagarara kugeza igihe ubujurire burangiriye. Hagati aho, umutungo wa Koperative ukomeza gucungwa n'ushinzwe kuwegeranya no kuwugabagabanya.

**Ingingo ya 114: Kujuririra icyemezo cyo kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative**

Umuntu wese wumva yareganyijwe n'icyemezo cy'ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative cyafashwe, ashobora kukijuririra mu rukiko rubifitiye ububasha mu minsi mirongo itatu (30) uhereye ku muni icyo cyemezo gifashwe.

**Ingingo ya 115: Ivanwaho ry'ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa Koperative**

Umuntu ushinzwe iseswa rya Koperative avanwaho ku mpamvu zikurikira:

- 1° iyo arangije akazi yari ashinzwe;
- 2° iyo yitwaye nabi mu kazi yashinzwe;
- 3° iyo akazi bamushinze atagashoboye, atagishoboye kugakora cyangwa agakorana uburangare;

Igihe ushinzwe iseswa rya Koperative avuyeho atarangije akazi yashinzwe, urwego rwamushyizeho rushyiraho undi ako kanya, kugira ngo arangize akazi gasigaye.

**Article 114: Appeal against the decision of liquidator**

A person aggrieved by a decision of the liquidator may appeal against the decision to a Court of competent jurisdiction within thirty (30) days from the day such decision is made by the liquidator.

**Article 115: Removal of a Liquidator**

A liquidator shall vacate office on account of:

- 1° accomplishing the assigned work as required;
- 2° professional misconduct;
- 3° incompetence, incapacity or negligence.

Where a Liquidator is removed without accomplishing the exercise, the appointing authority shall appoint a new Liquidator immediately to complete the unfinished liquidation proceedings.

**Article 114 : Appel contre la décision de liquidation d'une société coopérative**

Une personne lésée par une quelconque mesure du liquidateur peut, dans les trente (30) jours suivant la date de la mesure ou de la décision, interjeter appel contre cette mesure ou cette décision auprès du tribunal compétent.

**Article 115 : Révocation d'un Liquidateur**

Un liquidateur est révoqué si :

- 1° il a terminé le travail lui confié ;
- 2° il est coupable de mauvaise conduite professionnelle ;
- 3° s'il est reconnu incompetent, incapable de remplir correctement ses fonctions ou est négligent.

Si le liquidateur est licencié avant l'accomplissement de ses fonctions, l'autorité qui l'a nommé désigne immédiatement un autre liquidateur pour terminer les procédures de liquidation inachevées.

**Ingingo ya 116: Igihembo kigenerwa ushinzwe iseswa rya Koperative**

Igihembo kigenerwa ushinzwe iseswa rya Koperative cyemezwa n'urwego rwamushyizeho rumaze kugisha inama Komite ishinzwe gukurikirana iseswa rya Koperative.

**UMUTWE WA 9 : IBYAHA N'IBIHANO**

**Ingingo ya 117: Ibyaha n'ibihano**

Ibyaha bikorewe mu rwego rw'Amakoperative bihanishwa ibihano bivugwa muri iri tegeko, bidatambamiye ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'Igitabo cy'amategeko ahana,.

**Ingingo ya 118: Ikoreshwa ry'izina rya Koperative mu nyungu bwite z'urikoresheje**

Umuntu wese ukoresha izina rya **“Koperative”** abereye cyangwa atabereye umunyamuryango, abizi kandi abishaka, agamije inyungu ze bwite, ahanishwa igifungo kiri hagati y'ukwezi kumwe (1) n'amezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (**50.000 Frw**) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Article 116: Remuneration of a liquidator**

The remuneration of a liquidator shall be determined by the appointing authority after consultation with the liquidation committee.

**CHAPTER 9: OFFENCES AND SANCTIONS**

**Article 117: Offences and sanctions**

Subject to more severe sanctions provided for in the Penal Code, offenses committed in Cooperative Organizations shall be punished by the sanctions provided for in this law.

**Article 118: Use of Cooperative's name for own interests**

Any person who, knowingly and willfully, uses, for his/her own benefit or interest, the name **“Cooperative”** for which he/she may be a member or not, shall be liable to an imprisonment of at least one (1) month and not exceeding three (3) months and to a fine of fifty thousand francs (**50.000 Frw**) or any of the two.

**Article 116 : Rémunération d'un liquidateur**

La rémunération d'un liquidateur est fixée par l'Organe qui l'a affecté en consultation avec la Commission de liquidation.

**CHAPITRE 9 : DES INFRACTIONS ET DE LEUR REPRESSION**

**Article 117 : Infractions et leur répression**

Sans préjudice des dispositions plus sévères du Code Pénal, les infractions commises dans le cadre des Sociétés Coopératives sont réprimées suivant les peines prévues par la présente loi.

**Article 118 : Utilisation du nom de la Cooperative dans l'intérêt personnel.**

Quiconque utilise l'appellation de la **« Coopérative »** dont il est membre ou non, sciemment et volontairement, dans son intérêt propre est passible d'une peine d'emprisonnement d'un (1) mois à trois (3) mois et d'une amende de cinquante mille francs rwandais (**50.000 Frw**) ou de l'une de ces peines seulement.

**Ingingo ya 119: Ikoreshwa ry'amafaranga yakusanijwe mu izina rya Koperative mu nyungu bwite**

Umuntu uwo ari we wese, yaba umwe mu bagize inzego z'ubuyobozi bwa Koperative cyangwa bose hamwe, cyangwa umukozi wa Koperative, ukoresha amafaranga aba yakusanyije mu izina rya Koperative mu bikorwa bye bwite, ahanishwa igifungo kitarengeje amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 120: Gutanga umugabane ho ingwate**

Umunyamuryango wa Koperative utanzeho ingwate umugabane we, ahanishwa igifungo kiri hagati y'iminsi cumi n'itanu (15) n'ukwezi kumwe (1) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frs) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 121: Igikorwa cy'umunyamuryango kibangamira inyungu za Koperative**

Umunyamuryango wese ukora abizi kandi abishaka igikorwa gisaba uburenganzira butangwa n'Urwego rwa Koperative rubifitiye ububasha kandi ubwo burenganzira ntabwo

**Article 119: Use of Funds raised in the name of a cooperative organization for personal interests**

Any official or member of the management or an employee of a Cooperative Organization who uses funds raised by him/her on behalf of his or her Organization for his or her benefit, shall be liable to an imprisonment not exceeding six (6) months and to a fine of five hundred thousand francs (500.000 Frw) or any of the two.

**Article 120: Pledge of a share**

A member of a Cooperative Organization who pledges his/her share in the cooperative as surety for his/her debts shall be liable to an imprisonment of fifteen (15) days to one (1) month and to a fine of fifty thousand francs (50.000 Frw) or one of the two.

**Article 121: Act of a member against his/her Cooperative Organization's interests**

A member who, knowingly and willfully, performs any act which requires the consent or approval of a competent Organ of the Cooperative Organization without first having obtained such

**Article 119 : Utilisation des fonds collectés au nom de la Coopérative dans des intérêts privés**

Quiconque, membre de la direction ou membre du personnel d'une société coopérative, agissant seul ou avec d'autres, utilise les fonds collectés au nom de la coopérative pour ses affaires privées, est passible d'une peine d'emprisonnement ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw) ou de l'une de ces peines seulement.

**Article 120 : Donner en garantie de ses dettes sa part sociale**

Tout membre d'une société coopérative qui donne en garantie de ses dettes sa part du capital social de la coopérative est passible d'une peine d'emprisonnement allant de quinze (15) jours à un (1) mois et d'une amende de cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw) ou de l'une de ces peines seulement.

**Article 121 : Acte d'un membre portant atteinte aux intérêts de sa société Coopérative.**

Tout membre d'une société coopérative qui pose sciemment et volontairement un acte qui exige l'approbation d'un Organe compétent de la coopérative sans obtenir l'approbation préalable

yahawe, icyo gikorwa kibangamira inyungu za Koperative n'abanyamuryango muri rusange, ahanishwa igifungo kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu ingana n'ibihumbi ijana (**100.000 Frw**) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 122: Ibikorwa bibujijwe abagize Inama y'Ubuyobozi**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya Koperative cyangwa umucungamutungo wa Koperative ukoresha mu nyungu ze bwite umutungo wa Koperative cyangwa uwugurisha nta cyemezo cy'inama rusange ya Koperative, uwurigisa cyangwa awunyereza akoresheje uburiganya, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugera ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi Magana atanu (**500.000 Frw**) cyangwa kimwe muri ibyo bihano,

**Ingingo ya 123: Kutagira ibanga k'umugenzuzi**

Umugenzuzi w'imari cyangwa umwungirije mu kazi k'igenzura, ukoresha, mu nyungu ze bwite cyangwa iz'undi muntu, ibyo yamenyeye mu kazi byerekeye Koperative yagenzuye, bigaragara ko yabikoze abizi kandi abishaka, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugera ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana gatatu (**300.000 Frw**).

consent or approval, such act being against the Cooperative Organization's interests, shall be liable to an imprisonment not exceeding six (6) months and to a fine of a hundred thousand francs (**100.000 Frw**) or any of the two.

**Article 122: Acts prohibited to members of the Board of Directors and to the manager**

A Board member or a manager of a Cooperative Organization who uses for his own benefit the assets of a Cooperative Organization or sells assets without the approval of the General Assembly, or who embezzles, misappropriates, or one who commits fraud, shall be liable to an imprisonment of six (6) months to two (2) years and to a fine of five hundred thousand francs (**500.000 Frw**) or any of the two.

**Article 123: Violation of professional secrecy by the auditor**

An auditor or his or her assistant in auditing, who uses information obtained during the audit for his/her personal interests or those of the third persons, shall be liable to an imprisonment of one (1) month to six (6) months and a fine of three hundred thousand francs (**300.000 Frw**).

et qui compromet les intérêts de la société coopérative et des membres en général, est condamné à une peine d'emprisonnement ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende de cent mille francs rwandais (**100.000 Frw**) ou à l'une de ces peines seulement.

**Article 122 : Actes interdits aux membres du Conseil d'Administration et au gérant**

Tout membre du Conseil d'Administration ou le gérant d'une société coopérative qui utilise à des fins personnelles le patrimoine de la coopérative ou l'aliène sans autorisation de l'Assemblée Générale de la société coopérative, ou le détourne en usant de manœuvres frauduleuses, est punissable d'une peine d'emprisonnement allant de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (**500.000 Frw**) ou de l'une de ces peines seulement.

**Article 123 : Non respect du secret professionnel par l'auditeur**

Un auditeur ou toute personne qui l'assiste dans le travail d'audit qui utilise dans son intérêt propre ou dans l'intérêt d'un tiers les informations dont il a pris connaissance à l'occasion de son travail d'audit d'une société coopérative, et qu'il apparaît évident qu'il l'a fait sciemment et volontairement, est passible d'une peine d'emprisonnement allant de un (1) à six (6) mois et d'une amende de trois cent mille francs rwandais (**300.000 Frw**).

**Ingingo ya 124: Guhishira ibitagenda neza mu micungire ya Koperative.**

Umugenzuzi w'imari cyangwa umwungirije mu kazi k'igenzura, uhishira ibyo yamenye bitagenda neza mu micungire ya Koperative, abikora abyumvikanyeho n'abayobozi b'iyo Koperative hagamijwe inyungu zabo bwite, bikagaragara ko yabikoze abizi kandi abishaka, ahanishwa igifungo kiri hagati y'ukwezi kumwe (1) n'amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (**500.000 Frw**).

**Ingingo ya 125: Kudatumiza inama, kubuza abandi kuyitumiza, gucamo abanyamuryango ibice hagamijwe inyugu bwite**

Umuyobozi wa Koperative, udatumije inama ku gihe nta mpamvu cyangwa akananiza n'abandi bafite ubushobozi bwo kuyitumiza agamije inyungu ze, ucamo abanyamuryango ibice uboshya ngo bamushyigikire mu makosa cyangwa ngo be kwitabira inama igamije gusuzuma uko umutungo wa Koperative ucunzwe; agamije cyane cyane kugira ngo agume ku buyobozi, kunyereza cyangwa guhishira undi wese uba yanyereje umutungo wa Koperative, Ahanishwa igifungo kiri hagati y'amezi atandatu (6) n'umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (**100.000 Frw**) kugera ku bihumbi Magana atanu (**500.000 Frw**).

**Article 124: Concealing information concerning the business mismanagement of a Cooperative Organization.**

An auditor or any person assisting him/her who knowingly and deliberately, conceals the information concerning mismanagement of a Cooperative Organization in complicity with and for the benefit of Cooperative Organization's officials, shall be liable to an imprisonment of one (1) to six (6) months and a fine of five hundred thousand francs (**500.000 Frw**).

**Article 125: Refusing to convene a meeting , preventing other persons to convene the meeting, dividing members for his/her own interests.**

A cooperative leader who fails to convene a cooperative meeting on time and without giving adequate reasons or prevents those with powers from convening it, divides members, seeks their support in his or her wrong doing or advises the members not to attend meetings intended to examine the management of the cooperative organization's property, especially with the intention of retaining power, embezzling or concealing, any other person who embezzles the property of the cooperative organization, shall be liable to an imprisonment of six (6) to one (1) year and a fine of one hundred thousand (**100.000 Frw**) to five hundred thousand francs (**500.000 Frw**).

**Article 124 : Dissimulation d'une information concernant la mauvaise gestion d'une société coopérative.**

Un auditeur ou toute personne qui l'assiste dans le travail d'audit qui dissimule une information dont il a eu connaissance concernant la mauvaise gestion d'une société coopérative, qui le fait en complicité avec les dirigeants d'une coopérative dans leur intérêt propre, étant évident qu'il l'a fait sciemment et volontairement, est condamné à une peine d'emprisonnement de un (1) à six (6) mois et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (**500.000 Frw**).

**Article 125 : Refus de convoquer une réunion empêcher d'autres personnes de la convoquer, diviser les membres d'une coopérative dans son intérêt personnel,**

Tout dirigeant d'une société coopérative qui, dans son intérêt personnel, ne convoque pas une réunion en temps utile sans raison valable ou empêche d'autres personnes capables de convoquer cette réunion, qui, dans l'intention de se maintenir à la direction de la coopérative, divise les membres en incitant une partie d'entre eux à le soutenir dans ses agissements préjudiciables ou à ne pas assister à une réunion destinée à examiner l'état de la gestion de la coopérative, vole le patrimoine de la société coopérative, ou protège toute autre personne qui l'a volé, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à une (1) année et d'une amende de cent mille (**100.000 Frw**) à cinq cent mille francs rwandais (**500.000 Frw**).

**Ingingo ya 126: Gukoresha mu nyungu ze bwite inguzanyo yatse cyangwa impano yakiriye mu izina rya Koperative**

Umuyobozi wa Koperative waka inguzanyo mu izina rya Koperative cyangwa wakira impano mu izina rya Koperative, akabikoresha mu nyungu ze, inteko rusange itabizi, ahanishwa, igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza k'umwaka umwe n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni (1.000.000).

**Ingingo ya 127: Kuterekana inyandiko, ibitabo cyangwa umutungo wa Koperative**

Umuntu wese ubishinzwe, muri Koperative, usabwa kwerekana inyandiko, ibitabo, cyangwa umutungo wa Koperative ntabikore, ahanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW).

**Ingingo ya 128: Gukora raporo y'ibinyoma no gukoresha nabi**

Umuntu cyangwa umunyamuryango:

- 1° ukora, abizi kandi abishaka, raporo irimo ibinyoma, uzavuga kandi akanatangaza ibintu bitari byo byerekeye imirimo ya Koperative ;

**Article 126: Using for his own benefit a loan sought or donation obtained in the name of a Cooperative Organization.**

A cooperative manager who seeks a loan or gets a donation in the name of a Cooperative Organization and uses it for his own benefit without the General Assembly's knowledge, shall be liable to an imprisonment of six (6) to twelve (12) months and a fine of five hundred thousand francs (500.000 Frw) to one million francs (1.000.000 frw).

**Article 127: Failing to produce documents, books, records or property belonging to a Cooperative Organization**

Any person, in a Cooperative Organization who is requested to present documents, books or property of the Cooperative Organization, shall be liable to an imprisonment of one (1) to six (6) months and a fine of fifty thousand francs (50.000 Frw).

**Article 128: Making false report and fraudulent entry in registers and books of accounts**

Any person or member who:

- 1° willfully and deliberately makes a false report or furnishes false information concerning the business of a Cooperative Organization;

**Article 126 : Utilisation à des fins personnelles d'un crédit ou d'un don reçus au nom de la Société coopérative.**

Tout dirigeant d'une société coopérative qui demande un crédit ou reçoit un don au nom de la coopérative et les utilise à des fins personnelles, à l'insu de l'Assemblée Générale, est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) mois à une année (1) et d'une amende de cinq cent mille (500.000 Frw) à un million (1.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Article 127 : Ne pas fournir les documents, les livres ou tout autre bien faisant partie du patrimoine de la coopérative**

Toute personne responsable dans une société coopérative qui est sollicitée pour fournir les documents, les livres ou tout autre bien faisant partie du patrimoine de la coopérative et qui ne le fait pas, est passible d'une peine d'emprisonnement de un (1) à six (6) mois et d'une amende de cinquante mille francs rwandais (50.000 Frw).

**Article 128 : Rédaction de faux rapports et mauvaise utilisation des livres comptables**

Toute personne ou tout membre d'une Société Coopérative qui:

- 1° fait volontairement et sciemment un faux rapport ou fournit de fausses informations concernant les affaires d'une société coopérative ;

- 2° utuzuzwa ibitabo by'ibaruramari cyangwa akabyuzuzwa abeshya, yaba yari abigambiriye cyangwa se ku bundi buryo;
- 3° wangiza ibitabo cyangwa agaca inyandiko za Koperative ndetse n'ikintu kiri mu mutungo wa Koperative;
- 4° uhindura, uhimba cyangwa agahindura ubusa igitabo, inyandiko cyangwa ikindi kintu kiri mu mutungo wa Koperative, wandika ibinyoma cyangwa ibintu byuzuyemo uburiganya mu gitabo icyo ari cyo cyose, mu gitabo cy'ibaruramari cyangwa mu zindi nyandiko za Koperative;

ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw).

## UMUTWE WA 10: GUKEMURA IMPAKA

### Ingingo ya 129: Inzego zikemura impaka

Impaka zose zishobora kuvuka hagati ya Koperative n'abanyamuryango bayo, abayivuyemo cyangwa abahagarariye abapfuye, cyangwa hagati ya Koperative n'abo ibereyemo imyenda cyangwa

- 2° intentionally or otherwise fails to maintain accounts or maintains false accounts;
- 3° destroys, mutilates any book, paper or security of a Cooperative Organization;
- 4° alters, falsifies or mutilates any book, documents or other asst included in the property of a cooperative organization, makes any false or fraudulent entry in any register, book of accounts or in other document of the Cooperative Organization;

shall be liable to an imprisonment of six (6) to twelve (12) months and a fine of five hundred thousand francs (500.000 Frw).

## CHAPTER 10 : SETTLEMENT OF DISPUTES

### Article 129: Dispute Settlement Organs

Any disputes that may arise between the Cooperative Organization and its current or former members or the representatives of the deceased members or between the Cooperative Organization and its debtors or creditors, or those

- 2° ne parvient pas à tenir les comptes ou tient de faux comptes intentionnellement ou autrement;
- 3° mutile un livre, détruit un document ou une valeur appartenant à une société coopérative ;
- 4° altère, falsifie ou annule un livre, un document ou une valeur, ou fait une fausse entrée ou frauduleuse dans un registre, livre de comptes ou document appartenant à la société coopérative ;

est passible d'une peine d'emprisonnement de six (6) à douze (12) mois et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw).

## CHAPITRE 10 : DES LITIGES ET DE L'ARBITRAGE

### Article 129 : Organes de règlement des litiges et d'Arbitrage

Tout litige, qui survient entre les membres présents, les anciens ou les ayant droits de membres décédés et la société coopérative ou entre la société coopérative et ses débiteurs ou



abayiyibereyemo, cyangwa izerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko shingiro cyangwa ibikorwa bya Koperative, zitashoboye gukemurwa n'Inama y'Ubuyobozi cyangwa n'Inteko Rusange ya Koperative, zishyikirizwa abakemurampaka bashyizweho n'impande zifitanye ibibazo.

Buri ruhande rwihitiramo umukemurampaka warwo. Abo bakemurampaka uko ari babiri (2) bumvikana ku mukemurampaka wa gatatu uyobora iryo tsinda. Impande zombi zimenyeshwa umukemurampaka wa gatatu washyizweho.

**Ingingo ya 130: Ibyemezo by'abakemurampaka, kubitangaza no kubijuririra**

Ibyemezo by'Abakemurampaka bimenyeshwa Urwego rushinzwe guteza imbere amakoperative.

Iyo uruhande rufite ikibazo rutishimiye icyemezo cyafashwe n'abakemurampaka rushyikiriza ikirego urukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15)uhereye ku muni kimenyesherejwe abo kireba.

Ibyemezo by'abakemurampaka bigomba kugaragaza amafaranga yakoreshejwe mu kazi kabo.

arising out of the application of the by-laws or the activities of a Cooperative Organization, which the Board of Directors or the General Assembly of the cooperative organization cannot settle, shall be referred to arbitrators appointed by the concerned parties.

Each party shall appoint one arbitrator. Both arbitrators shall agree on a third arbitrator who shall chair the team. The parties shall be informed on the nomination of the third arbitrator.

**Article 130: Decisions of the arbitrators, their communication and appeal against the decisions**

The decisions of the arbitrators shall be communicated to the Organ in charge of the development of the Cooperative Organizations.

A party which is not satisfied with the decision of the arbitrators may submit a complaint to the competent Court in a period not exceeding fifteen (15) days from the day it is notified to the concerning parties.

Arbitrators' decisions shall contain the costs of arbitration and expenses in their duties.

créanciers, ou celui en rapport avec l'application des statuts ou concernant les activités de la société coopérative, qui n'a pas pu être réglé par le Conseil d'Administration ou par l'Assemblée Générale, est soumis à des arbitres désignés par les parties en conflit.

Chaque partie désigne un arbitre. Les deux arbitres choisissent un troisième arbitre qui préside les séances d'arbitrage. Les parties au procès sont informées de la nomination de ce troisième arbitre.

**Article 130 : Sentences Arbitrales, communication de ces sentences et appel contre elles**

Les sentences arbitrales sont notifiées à l'Organe chargé du développement des Sociétés Coopératives .

Une partie qui n'est pas satisfaite par la sentence arbitrale engage un recours devant la juridiction compétente dans un délai de quinze (15) jours à compter de la date de la notification aux parties concernées.

Les sentences arbitrales indiquent les frais d'arbitrage encourus.

**UMUTWE WA 11: INGINGO  
ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 131: Ibigerwa abagize inzego  
za Koperative**

Abagize Inama y'Ubuyobozi kimwe n'abagize Inama y'Ubugenzuzi bwa Koperative bakora ku bwitange kandi nta gihembo bahabwa.

Ariko, Itegeko ngengamikorere rya Koperative riteganywa uko abagize izo nzego zombi basubizwa amafaranga bakoresheje mu kazi ka Koperative.

**Ingingo ya 132: Ibisabwa amakoperative  
yahawe ubuzimagatozi mbere y'itangazwa  
ry'iri tegeko.**

Koperative iyo ari yo yose yabonye ubuzimagatozi hakurikijwe itegeko ryari risanzwe rigena imitunganyirize y'amakoperative, ihawe igihe cy'umwaka iri tegeko rikimara gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo ihuze amategeko rusange yayo n'iri tegeko.

**CHAPTER 11: MISCELLANEOUS AND  
FINAL PROVISIONS**

**Article 131: Remuneration of the members of  
the Cooperative Organization's Organs**

Board members of a Cooperative Organization as well as those of the Supervisory Committee shall work in a voluntary capacity and shall not be entitled to any salary.

However, the internal regulations of a Cooperative Organization may provide for refunds of expenses incurred by the board of directors and the supervisory committee members while on official duty of the Cooperative Organization.

**Article 132: Requirements for a Cooperative  
Organization registered before the publication  
of this law**

Any Cooperative Organization registered under the previous Cooperative Law shall be given a one-year period, from the date of the publication of this law in the Official Gazette, to harmonize its bylaws with the present law.

**CHAPITRE 11 : DES DISPOSITIONS  
DIVERSES ET FINALES**

**Article 131 : Rétribution des membres des  
Organes d'une Société Coopérative**

Les membres du Conseil d'Administration d'une société coopérative aussi bien que ceux du Conseil de Surveillance, travaillent bénévolement et ne perçoivent aucune rémunération.

Cependant, le règlement d'ordre intérieur de la société coopérative prévoit les modalités de remboursement des frais encourus par les membres de ces deux Organes dans l'exercice de leurs fonctions.

**Article 132 : Exigences aux Sociétés  
Coopératives ayant obtenu la personnalité  
juridique avant la publication de la présente  
loi**

Toute société coopérative, enregistrée aux termes de l'ancienne loi portant Organisation des sociétés coopératives, dispose d'un délai d'un an, à partir de la date de publication de la présente Loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, pour procéder à l'amendement de ses statuts afin de les rendre conformes aux prescriptions de la présente Loi.

**Ingingo ya 133: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 31/1988 ryo ku wa 12 Ukwakira 1988 rigena imitunganyirize y'amakoperative n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 134: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri Tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 18/09/2007

Perezida wa Repubulika

**KAGAME Paul**

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative

**MITALI K-Protais**

**Article 133: Abrogation of provisions contrary to this law**

The Law n° 31/ 1988 of October 12, 1988 Organizing Cooperative Organizations and all previous provisions contrary to this Law, are hereby abrogated.

**Article 134: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/09/2007

The President of the Republic

**KAGAME Paul**

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**

The Minister of Commerce, Industry, Investment Promotion, Tourism and Cooperatives

**MITALI-K-Protais**

**Article 133 : Entrée en vigueur de la loi**

La Loi n° 31/1988 du 12 Octobre 1988 portant Organisation des sociétés coopératives ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente Loi, sont abrogées.

**Article 134 : Entrée en vigueur de la présente loi**

La présente Loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/09/2007

Le Président de la République

**KAGAME Paul**

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**

Le Ministre du Commerce, de l'Industrie, de la Promotion des Investissements, du Tourisme et des Coopératives

**MITALI-K-Protais**

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi  
**MUSONI James**

The Minister of Finance and Economic Planning  
**MUSONI James**

Le Ministre des Finances et de la Planification  
Economique  
**MUSONI James**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:  
Minisitiri w'Ubutabera

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

**KARUGARAMA Tharcisse**

The Minister of Justice

Le Ministre de la Justice

**KARUGARAMA Tharcisse**

**KARUGARAMA Tharcisse**